

INYIGISHO YA BURI MUNSI

INGINGO

3

Nya-Kan-Nze

2023

Inkuru Nziza

BURI MUNSI

NTA KIGUZI

KUGURISHWA NTIBYEMWE

NYI NYIGISHO YAMAZE

KWISHYURWA

N'ABAFATANYABIKORWA

KUGIRA NGO ISAKAZWE KU

BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure (**Imigani 25:25**)

Uebert & BeBe
ANGEL



UEBERT & BEBE ANGEL

With years of full-time ministry behind them, Uebert and BeBe Angel are pioneering and leading voices in proclaiming the Good News of God's grace (Euaggelion) and the prophetic around the world. Between them, they are best-selling authors of *Spiritual Warfare*, *Intimacy*, *Prayer Banks*, *Supernatural Power of The Believer*, etc. Uebert and BeBe Angel are internationally sought-after conference speakers and as global leaders, they are highly regarded for their vision, innovation and boldness. As the founders of the Good News Church (Spirit Embassy), and holding the office of the prophet they have impacted millions of lives worldwide through their passion to win souls by bringing the revelation of the Good News of God's grace (Euaggelion).

**Itangiro 27:7**

Mpigurira umuhigo, untekere inyama ziryoshye nzirye, nguheshereze umugisha mu masoy'Uwiteka ntarapfa.

Aha tubona mu cyanditswe ko Isaka yari akuze mu myaka, rero, nk'ibisanzwe, umuntu yavugaga ko cyari cyo gihe cyo guha umugisha abana be, kandi waba uri mu kuri. Ariko, tubonye ko Isaka yasabye "Umuhigo" umwana we mbere yo kumuhesha imigisha. Isaka yasabye ikintu cyiguranywa no gutanga umugisha wo mu mwuka. Umuntu ashobora gutekereza ko mu gutangwa kw'ibyumwuka, ikintu cy'agaciro utanga umugisha akunda kigomba guhabwa cyangwa kurekurwa n'uhabwa.

Uko utanga iby'icumi, amaturo, n'imibuto mu gushyigikira umurimo wa minisiteri, izina ryawe riri kwandikwa mu gitabo cyo mu Ijuru kubw' isenderezwa ry' imigisha udashobora gutekereza. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, igihe ibintu byose bisa nk'ibicecetse, "umuhigo" wawe uzakuvugira. Iyo uhagurutse mugihe hari ibikenewe mu murimo w'Imana, uwo ni "umuhigo" wo kurema irembo ryo kurekurwa kw'imigisha ku buzima bwawe ubu n'iteka ryose mu izina rikomeye rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpawe umugisha wo kuba umugisha. Ubuzima bwanjye buzakomeza kuzamuka. Nzaronka byuzuye ku buntu n'amavuta bijyana n'umurimo wa ministeri, kandi aho nzajya hose, nzahamya ukugiraneza kw'Imana mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Itangiro 27:4



Yohana 10:27

Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi kandi zirankurikira.

Hari amajwi menshi hanze aha ahora avugira mu matwi yawe. Kandi Yesu yaravuze gusa ngo intama zanjye zumva ijwi ryanjye! Imana iracyagira icyo ivuga, n'abashobora kujya ku murongo we bazabasha gufata ukuri kw'ibihe bya kera kwavuzwe mu buryo bw'amayobera yo guhindura amahanga. Iri ntabwo ari ibanga kuko ibanga ni irya bake batoranyijwe, ariko amayobera ni rusange. Ariko, kugirango ubashe kumva ndetse no kwakira ubutumwa bisaba kujya ku murongo nyawo buri gihe.

Igihe utegeye amatwi yawe ku murongo nyawe utangaza umugambi

w'Imana, bizaba ari ho ubuzima bwawe buhindukiriye. Ni na ngombwa kugira umukozi w'Imana ku buzima bwawe. Mu gihe utekereza ko Imana icecetse ku buzima bwawe, akazi, n'umuryango, kandi ukaba utazi icyo gukora, ijwi ry'umukozi w'Imana wawe rihinduka ijwi ry'Imana kuri wowe muri uwo mwanya. Rero tangira gusoma Ijambo ry'Ijambo no gusenga, kandi ube ahari uguterana kw'abakritso. Noneho, uzatangira kujya ku murongo w'Imana no kumwumva neza.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amatwi yanjye ubu ari ku murongo nyawo wo kumva Imana imvugisha biziguye, by'umwihariko, bwite, no mu buryo bwa gihanuzi. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, nzumva Imana ivuga no mu Mwuka wanjye mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 8:433

**Mariko 5:9**

Aramubaza ati "Witwa nde?" Undi ati "Ingabo ni ryo zina ryanjye, kuko turi benshi."

Bibiliya ivuga kuri uyu mugabo wari warabaswe n'imyuka mibi yitwaga Legiyoni mu cyaro cy' I Gadarene, Legiyoni mu gisirikare cy'abaroma yabaga irimo abasirikare hagati y' ibihumbi mirongo itatu na mirongo itatu na bitanu, rero Legiyoni ni imbaraga zikomeye kandi nini z'igisirikare. Tekereza umugabo umwe yabashije kugendana uru rwunge rw'amadayimoni. Uyu mugabo wari ubaswe yari aboshywe n'iminyururu n'imigozi n'abagabo bakomeye kandi umunsi ukurikiyeho, byose byabaga byamuvuye ku maboko no ku birenge. Tubona muri iyi nkuru ko abagabo bari bari kurwana n'ibibazo

by'umwuka mu buryo busanzwe

Mpora mbwira abantu ko nta kibazo gisanzwe kidafite ihuriro n'ukuri kw'umwuka, hoye nta na kimwe. Buri kibazo uhura na cyo gifite ubusobanuro bw'umwuka. Ubyemere cyangwa ubyangwe, iyi ni impamo. Iyo ubonye amafaranga yawe bidahura, menya ko hari amayeri y'umwuka aho uri. Uyu munsi ni umunsi utandukanye kuko karande za kera zasenywe burundu kandi zikuweho ku muryango, ubucuruzi, n'ubuzima byawe mu izina rya Yesu! Urabohotse byo kubohoka! Muri uyu mwaka w'ijuru ku Isi, ubuhamya bwawe buzagutungura!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndabohotse byo kubohoka! Nta gukererera ukundi, mu bucuruzi, mu rushako no mu muryango byanjye. Nzi ko uwo Umwana w'Umuntu yabohoye aba abohotse koko!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 8:30

**Itangiriro 47:27**

Abisirayeli batura mu gihugu cya Egipta, mu gihugu cy'i Gosheni, baronkerayo ibintu, barororoka, bagwira cyane.

I Gosheni hari muri Egipta, kamwe mu duce aho Farawo, uwayoboraga Egipta, yabaga. Ariko, igihe Mose yasabaga Farawo kurekura abana ba Isiraheli bava muri Egipta, kwanga kwa Farawo kwazanye ibyago muri Egipta. Mu buryo butunguranye, I Gosheni nta byago byahageze. Ikirere cya Mose, Umuhanuzi w'Imana, yabagaho mu kirere cy'umutuzo n'amahoro. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, aho abandi bari kubaho mu ngorane, kubwo kuba mu kirere cya gihanuzi, ntabwo uzaba mu ngorane.

Igihe hariho kuneshwa kw'abandi, hazabo kuzamurwa kwawe n'umuryango wawe. Sobanukirwa, Isi y'Ubutumwa Bwiza igendana ikirere cyo kwiyongera, ukurindwa kw'ubumana, igikundiye, n'ibindi byinshi. Rero, kubwo kuba muri bo, ibi ni ibyawe mu izina rya Yesu. Iki kirere wamaze kwinjiramo, kizategeka uburumbuke mu muryango wawe. Iby'Imana ntibizakama mu buzima bwawe. Uri uw'agaciro mu kirere cy'abamara-yika. Urayobowe kandi uraherekejwe n'abamarayika uko usohoka n'uko winjira, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, nzatunga ubutaka n'inyubako. Ndazamuka hejuru. Nzikuba mu bucuruzi bwanjye. Nzagira inyungu kandi niyongere cyane. Ubuzima bwanjye bwahinduwe kuva mu busanzwe buba ubudasanzwe mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 7:17



Mariko 11:14

Arawubwira ati “Umuntu ntakarye ku mbuto zawe iteka ryose.” Abigishwa be barabyumva.

Mu cyanditswe cyacu cy'uyu muni, ni gute wakumva ko igiti cy'umutini kivuga. Ibyanditswe bitubwira ko Yesu yasubije igiti cy'umutini. Ibi bivuze ko igiti cy'umutini aricyo cyabanje kuvugisha Yesu. Ni iki igiti cy'umutini cyabwiye Yesu? Ni gute cyibeshye kikavuga amagambo yarakaje Umuremyi wacyo? Ibi bisa nk'aho ari ugusubiramo ibyabaye mu busitani bwa Edeni aho Adamu na Eva bacumuriye, ako kanyigitekerezo cyo gukora imideri kirazamuka igihe bagerageje guhisha ubwambure n'ibibabi by'igiti cy'umutini.

Igiti cy'umutini cyagerageje igihe kirekire gusimbura Yesu kuko ni ubundi, muri Edeni, Imana yishe intama iremera imyambaro Adamu na Eva, bisobanuye ko ari amaraso y'Intama (Yesu) gusa afite imbaraga zo gukuraho icyaha, akunga Umuntu ku Mana nanone, si ibiti by'imitini. Ikintu icyari cyo cyose kigerageza gusimbura Kristo mu buzima bwawe gitekerezwa nk'imyumvire y'igiti cy'umutini. Ariko wowe, ntabwo uzaba igiti cy'umutini. Ku bari mu bucuruzi, ubucuruzi bwawe buzazamuka kandi bugire amafaranta muri uyu Mwaka w'Amafaranfa, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bwafashe ubundi busobanuro. Ndi uwa Kristo, n'ubuzima bwanjye ni ubwo kumunezeza mu byo nkora. Nzafata neza ubucuruzi bwa Databuja nk'uko afata neza ubucuruzi bwanjye mu izina rikomeye rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 21:29



Ibyakozwe n'intumwa 13:2

Ubwo basengaga Umwami Imana biyiriza ubusa, Umwuka Wera yarababwiye ati "Mundobanurire Barinaba na Sawuli, bankorere umurimo mbahamagariye gukora.

Intambwe yambere y'ubutambyi ni ukwitandukanye. Ntabwo wakwivanaga mu bantu no mu ruvunge rufata Imana nk'ibisanzwe. icyanditswe cyacu cy'uuyi muni ni Umwuka wera uvuga ko Pawulo na Barinaba bagomba gutandukanywa n'abandi. Rimwe na rimwe uba ukenye gusubira inyumwa ukavuga uti, buretse, Imana iri gukora ikintu kidasanzwe muri jye. Igihe abantu batangiye kugusiga, ntibikwiye kukubabaza; ni umupango wo gutera imbere kwawe.

1 Petero 2:9, haravuga ngo, "Ariko muri... abatambyi b'ubwami... ubwoko bwatoranyijwe,... mugaragaze ishimwe ry'uwabahamagaye abakuye mu mwijima mu mucyo wayo w'itangaza. Imana iri kugabanya agatsiko kawe k'incuti kugirango wegurirwe umurimo wayo. Pawulo yanditse kimwe cya gatatu cya Bibiliya kuko yari yitandukanyijwe kubw'Umwami. Kwitandukanya birema ubusabane kandi bikuza umubano. Uri igihangano mu maboko y'Umwami, kandi ari kugishyira ku ruhanda kubw'umurimo we muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Naratandukanijwe kubw'ubutumwa bw'ubumana, Ndi umutambyi ku Muwami; ubuzima bwanjye buzaba umucyo kuri benshi bankikije. Ndi uteye imbere, witeguye kubangamira satani no kwerekana imbaraga zidashira z'Imana!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 1:1



2 Abakorinto 2:11

kugira ngo Satani atagira icyo adutsindisha kuko tutayobewe imigambi ye.

Ibyaremwe byose by'Imana byari bitunganye kandi ari iby'igikundito kuva mu ntangiriro. Bibiliya ivuga ko nyumwa y'igikorwa cyose cy'iremwa n'imbaraga z'Imana, Imana yavuze ko byari byiza. Ikibazo muri Edeni ni uko kugwa kwa Adamu kwatumye isanzure riva mu murongo waryo. Ugomba gusobanukirwa ko Adamu yakoreraga mu kirere cyatumaga ibintu bimugandukira. Ukwezi, inyenyeri, n'izuba byumviraga ijwi rya Adamu kugeza ubwo aguye akava muri wa mwanya w'ubutware kuko gusa yafashe inama mbi iva kuri Eva.

Kuva mu gihe cya Adamu kugera kuri Yesu, nta muntu wari ufite ibikwiye ngo asubize ubutware bwa Adamu ku byaremwe kugeza igihe Yesu yahagereye. Rimwe na rimwe, tugomba kwiga kuvuga "oya" tutitaye ukuntu iyo nama ari iy'incuti. Satani ntabwo aje iwawe n'amahembe n'isura mbi; hoyu, azana igitekerezo, ikintu gisize ubuki. Iyo ugifashe iryo ni ryo herezo ryawe. Ba maso buri gihe, ucuze kandi utekereza neza, ntuyoberwe amayeri ya satani, uzabona intsinzi mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkorera mu mwanya w'ubutsinzi. Ubwenge bwanyje ntabwo ari ubwo kuri iyi si. Mfite imbaraga kandi mfite ubutware kuri buri bihe no ku bimbaho byose; rero, sinshobora gutsindwa. Mbaho ubuzima bw'ubutsinzi mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 5:8

**Yosuwa 6:20**

Abantu baherako barangurura amajwi abatambyi bakivuzza amahembe, muri ako kanya abantu bumvise amajwi y'amahembe barangurura amajwi, inkike z'amabuye zirariduka, abantu barazamuka batera umudugudu, umuntu wese imbere ye barawutsinda.

Iyo wageze ku rwego rumwe rwo gukura mu mwuka, ntabwo uba ugikoresha amagambo. Ushyira agaciro ku magambo. Ntute umwanya n'imbaraga kuri ibyo bihe mu buzima bwawe ukundi. Ahubwo, tumbera ku muhamagara. Ariko, nibikugeraho, birarangijwe! Abashimishwa no kugutoteza, bagira akazi ko kugutesha umutwe, uyu muni, intwaro yawe ni akaruru kanini k'intsinzi

Ndavuze ngo sakuza cyane, nk'inkike z' I Yeriko, uzababona batatana imbere y'amaso yawe. Ntabwo bakeneye kuvugishwa, nta nubwo bazumva gutanga amahoro; urusaku rw'inkuba gusa ruzasenyaye igisenge cyabo. Bakuziye mu nzira imwe, ariko akaruru kawe k'intsinzi kazabohereza biruka mu nzira zirindwi mu izina rikomeye rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijwi ryanjye ni irya amazi menshi. Ndi umwana w'inkuba. Iyo nsakuje, indwara ziturwa hasi. Akaruru kanjye ntabwo kakwiringagizwa; ijwi ryanjye ni intwaro yica. Nzabaho Ijuru ku Isi ubu n'iteka ryose. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinti 10:4-5



1 Abakorinto 1:21

Kuko ubwo ubwenge bw'Imana bwat-
egetse ko ab'isi badaheshwa kumen-
ya Imana n'ubwenge bw'isi, Imana
yishimiye gukirisha abayizera ubupfu
bw'ibibwirizwa.

Inkuru Nziza tubwiriza ifatanye n'imiri-
mo yarangijwe ya Kristo. Yesu ari guko-
ra umurimo muri wowe ro nta muntu
ugomba kubyitirirwa. Turi umusaruro
wo kubambwa kwa Kristo, ntabwo turi
intandaro. Turi ubwoko bushya bwaku-
we mu rupfu rwa Kristo, guhambwa, no
kuzuka. Abakristo bamwe batwawe
no gushaka icyo bakora mu gihe Ima-
na iri kuvuga, "Naraguhamagaye.
Umugambi wanjye ugomba kuba
uwawe."

Bibiliya ivuga ko tureba Kristo, we
Banze n'Usohoza kwizera kwacu. Yesu ni we ndorerwamo. 2 Abakorinto
3:18 haravuga, "Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami,
tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhin-
durirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza,
nk'ubw'Umwami w'Umwuka."Uko tureba mu Ijambo Rye, duhindurwa
mu ishusho Ye. Sobanukirwa ko atari wowe ahubwo ari We. Reba buri
kigeragezo nk'ibuye ryo kuriraho ngo ugaragaze Kristo muri wowe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi intumwa y'Inkuru Nziza, rukuruzi ikurura amakuru meza.
Gutera imbere ni ibyanjye; kurama ni ibyanjye; ubuzima bwiza
ni ubwanjye, kandi ubuzima bwanjye buzakura kandi buraba-
girane mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 8:21



2 Ingoma 20:21

Nuko amaze kujya inama n'abantu, ashiraho abo kuririmbira Uwiteka, bagahimbaza ubwiza bwo gukiranuka kwe barangaje imbere y'ingabo bavugaga bati "Nimuhimbaze Uwiteka, kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose.

Ntabwo ari ibisanzwe ko abarwanyi bavugwa "nk'abagabo bakomeye b'ubutwari" bafata imyanya yabo inyuma y'itsinda ry'abaririmbyi bitegura urugamba rukomeye. Ibi ni imikino ku muntu usanzwe urebeshya amaso asanzwe, ariko ba uretse, urebe iherezo. Ugomba gusobanukiwa ko ibintu by'umwuka bidakenere gusobanuka mu bifatika, kandi urugamba urwana ni urw'umwuka.

Iyo ibintu bibi bidasanzwe bikubayeho, urugamba rw'umwuka ruba washowe, kandi uri mo hagati. Muri uru rugamba, ntabwo ukeneye kurwana, tangira gusa gushima no kuramya Umwami. Ni umuhanga w'urugamba. Uko umuramya mu mwuka wawe imbere, kuramya kwawe kuragwira mu kirere cy'umwuka, kandi abamarayika bazatangwa ngo bakurwanire. Uru rugamba ni urw'Umwami kandi intsinzi yawe iremejwe mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Igihe cyanjye cyo kuruhuka cyaje. Ntabwo nkeneye kurwana uru rugamba rwashowe; Imana yanjye izandwanirira, impe amahoro arenze ibitekerezi byose bya muntu. Nziko intsinzi ari yanjye, mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 29:2



Abaheburayo 6:13

**Ubwo Imana yasezeraniraga Aburaha-
mu kuko ari nta we yajyaga kurahira
uyiruta ubwayo, ni cyo cyatumye yira-
hira ubwayo.**

Wari wumva hazamuka igitutu n'ibibazo utabwira umuntu n'umwe? Uri guhira mu kababaro mu ibanga. Utabivuga mu ijwi riranguruye, bimeze nkaho uri muri gereza. Unagerageje kubisobanurira umuntu, ntabwo babyumva! Rimwe na rimwe, ukebuye n'inyuma yawe kandi ntawe ugukurikiye, uri imbere y'ikibazo ari wowe wenyine ugisobanukiwe, ariko nkuzaniye inkuru nziza: ibintu biri guhindukirira kuguhira.

Aho wabonye kandi ukumva utawe, aho hantu, uzizihizwa. Imana nkorera ni

nini kurusha ibibazo byose uhura nabyo. Ubuzima bwawe buri guhemburwa, umuryango wawe uri guhemburwa kandi kubaho kwawe biri guhemburwa. Uri gusohoka none aha! Abatekerezaga ko bagucecekesheje nibo bazagushimira. Humura; Ijambo rirakora! Uri umutsinzi, ntabwo uri uwahohotewe. Imana yanjye ni nini cyane ngo ibe yatsindwa. Bifate kandi ubibeho!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntwaye Imana; Inini kuruta ibindi byose iri imbere muri nje. Imana nkorera ni ikomeye kandi ni isumba byose, Nini kurusha imana zose ziteranyije! Ndi munini. Sinshobora gutsindwa. Iyo genze, Imana iba iri kugenda. Ubuzima bwanjye ni ubuhamyari!

IBINDI BYANDITSWE

Itangiro 22:16



Matayo 8:17

Kugira ngo ibyavuzwe n'umuhanuzi Yesaya bisohore ngo; Ubwe ni we watwaraga ubumuga bwacu, akikorera n'indwara zacu.

Iyo mvuzeko gukira byoroshe, ni ihame. Gukira ni igitangaza; iyo mbwiye abantu ngo ntibasesengure ibikigize. Imana niyo iri gukora ukugira kubw'Umwuka Wayo. Izere gusa ko Yesu ari we Ugukiza, hamwe no kwizera kwawe, uzabaho igitangaza cyawe. Ndavuga kuri iyo kanseri none aha, kira mu izina rya Yesu! icyo cyose uri kubabazwa nacyo, akira gukira kwawe mu izina rya Yesu. Sakuza uha Umwami Yesu icyubahiro. Yabigukoreye!

Imana, kubw'Umwana Wayo, yagukijije uwo mutwe udakira, icyo kibyimba n'ubwo bubabare mu kuguru. Uko

nandika ibi, ndavuga imbuto mu nda yawe mu izina rya Yesu. Nabonye ibitangaza bitabaho ntabara mu murimo w'Imana kandi mbona ibitangaza by'udushya birenze amagambo ahubwo byerekana imbaraga z'Imana. Nzi uwo nizeye. Akora mu buryo budasanzwe. Uyu muni ndavuze ngo gukira ni ukwawe mu izina rya Yesu. Gufate!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mba mu buzima bw'ubumana; indwara nta butware imfiteho. Umubiri wanjye ni ubuturo bw'Umwuka Wera ntabwo ugengwa n'amategeko y'iyi si. Ngengwa n'andi mategeko, ubuzima bw'ubutsinzi mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 4:40

**Abafilipi 4:4**

Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose. Yewe, nongeye kubivugana nti Mwishime.

Ibyishimo bigendera ku byabaye n'amarangamutima. Ibikubaho no mu bigukikije bizagenga ibyishimo. Ibyishimo biyoborwa n'ibibaho kandi biterwa guhinduka n'imihindagurikire y'ibyo unyuramo n'ibigukikije. Ibiri kuba kuri papa na mama wawe bikugiraho ingaruka. Ibi bigahita biba intandaro. Ibyo ni ibyishimo. Ariko umunezero, k'urundi ruhande, ni amahitamo. Uhitamo ku-nezerwa imbere y'ibibazo n'ibyo unyuramo.

Umunezero ni uw'Imbere. Ntabwo bigengwa n'ibiyumviro cyangwa amarangamutima. Amahoro yawe y'imbere imbere y'ibikugerageza; ibi ni byo miterere y'umutima. Iyo wakiriye ibaruwa ikwirukana mu nzu, raporo ya muganga itari nziza, cyangwa ikibazo mu rushako, tangira kubona icyo kibazo mu buryo butandukaye. Reba, igihe cyawe cyo kuzamurwa cyaje igihe uhuye n'ibigeragezo bitandukanye, nezerwa. Ntiwemere ko ibibazo byawe bitwara intumbero yawe ku Mana. Gutabara kwe k'ubumana kuzatuma ibibazo biburira imbere yawe mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Uyu muni ndahitamo kubaho ubuzima bwuzuye umunezero. Nzatsinda mu byo nkora, kandi gutsindwa bizavanwa imbere yanjye. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, aho nzajya hose, nzaba ishusho y'umunezero utavugwa mu izina rya Yesu.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 33:1



Luka 3:16

Nuko Yohana abasubiza bose ati “Ni koko jyeweho ndababwirisha amazi ariko hazaza undusha ubushobozi, ndetse ntibikwiriye ko napfundura udushumi tw’inkweto ze. Uwo ni we uzababwirisha Umwuka Wera n’umuriro.

Umwuka Wera wabwirishijwe igihe wakiraga Yesu ni umuriro! Jya mu rwego aho utangira kugurumana n’uwo muriro utazima. Waba ubizi cyangwa utabizi, ufite uwo muriro muri wowe. Iyo utangiye gusubiramo uwo muriro, uzabona ibishashi by’umuriro bisohoka biva mu imbere. Ibintu byose bigukikije bizaka umuriro w’Umwuka Wera. Ikin-tu cyose mu buzima bwawe cyiva ku Mana kizenyegereza uwo muriro w’Umwuka Wera ngo ugurumane cyane.

Atsa uwo muriro nanone w’Umwuka Wera mu gusenga bikomeye, wibire mu Ijambo ry’Imana, kandi ushishikare mu murimo w’Imana. Hanyuma ubuzima bwawe buzafata ubundi busobanuro ubu n’iteka ryose! Kongeza uwo muriro, subiramo uwo muriro, ongera watse uwo muriro, uko bimeze kose. Urumva wigunze, urakaye, kandi uremerewe? Subiramo umuriro kugeza ubwo bigaragarira abaje kukurwanya nk’ ibuye ryaka umuriro ridashobora gukinishwa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ubuturo bw’umuriro ukongora. Muri uyu mwaka w’Ijuru ku Isi, umucyo w’umuriro uri muri njye, uzahumya umwanzi ku manywa cyangwa nujoro kandi uzakongora ibitero bye byose nta kabuza! Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 3:11

**1Samuel 3:19**

Samweli arakura, Uwiteka abana na we ntiyakunda ko hagira ijambo na rimwe rya Samweli rigwa hasi.

Umwami yari ari kumwe n'abantu bamwe mu Isezerano rya Kera, ariko mu kuri kw'Isezerano Rishya, Imana iri kumwe nawe! Kugira Umwuka w'Imana muri wowe bivuze ko iyo uvuze, Imana iri kuvuga, rero iyo uvuze, bigomba kubaho. Igishimangira Ubukristo bwawe kiri muri wowe, rero, ugomba kubifata nk'iby'agaciro kuba Umukritso. Bibiliya itubwira ko abamarayika babaza abashakisha ibi bintu. Ibihe bintu? Krisito muri wowe, ibyiringiro by'ubwiza!

Icyanditswe cy'uyu muni kivuga ko Umwami yari kumwe na Samweli, ntiyatuma ijambo rye na rimwe rigwa

hasi. Igihama gifatiko cy'umubano n'Imana kizabamo ko Ijambo Ryayo rikorera muri wowe gukora iby'ubutwari bidasanzwe. Ikintu kimwe kizakomeza kumvikana mu Ijuru ni Ijambo ry'Imana. Ntabwo uza uba ugikeneye kwizera cyangwa ubuhanuzi. Soma Bibiliya buri muni. Ugomba kumenya Ijambo ry'Imana kubwawe kandi ukaribona rikora muri wowe kandi binanyuze muri wowe muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ukora Ijambo; mvuga amayobera asobanura ururimi rw'Ijuru. Amagambo yanjye afite ibihindura ibirere bikanahindura ubuzima. Si ndi usanzwe, ariko ndi utwara ukuri kwa kera guturuka mu Ijambo ry'Imana!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 1:80

**Yohana 10:34**

Yesu arabasubiza ati, Ntibyanditswe mu mategeko yanyu ngo, Navuze ngo, Muri imana?

Iyi mvugo yakozwe n'Umwami Yesu ubwe ashize amanga yari irimo impuhwe. Abakristo benshi bafite ibibazo bikomeye n'iyi mvugo ishize amanga. Kubera iki? Kuko banga kwakira abo bari bo. Yesu ntabwo yari mu ikosa atwita "imana". Uyu niwo mugambi w'ubumana wa mbere utaravaho. Iyo Yesu, ari Imana mu ishusho ifatika, akwise "imana", ni nde wundi wabihakana? "Muri imana!" Iyi niyo mpamvu ushobora kwisana ku kitagenda cyose mu mubiri wawe. Wateganyirijwe ibikomeye. Akira ukuri! Uri hejuru cyane imbaraga zose n'abatware, wicaranye na Kristo mu myanya yo mu Ijuru.

Adamu ntabwo yari umuntu usanzwe. Yaremwe n'Imana ngo akore nk'Imana, rero Adamu yakoraga birenze ikirere cy'ibifatika. Tekereza Imana iza mu mafu yo ku mugoroba ngo igirane ikiganiro na Adamu. Ibi byerekana ko Imana ivugisha imana. Yesu yiswe Adamu wanyuma kuko yadusubije ibyo byose Adamu yabuze. Uri imana! Kora kandi uvuge nkayo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Navukiye gutwara. Indwara ntizishobora kumbata. Ubuzima bwanjye bwerekana akamero k'Imana. Ngenda kandi mvuga nk'umutambyi w'ubumana, kandi ubuzima bwanjye buva mu bwiza bujya mu bundi muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi.

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 82:6

**Matayo 12:36**

Kandi ndababwira yuko ijambo ry'impfabusa ryose abantu bavuga, bazaribazwa ku muni w'amateka.

Buri jambo rirabarwa mu ljuru, ryaba ryiza ryaba ribi. Nta jambo ryavuzwe risigara rizerera cyangwa ridafite icyo ribazwa. Ese amagambo yawe yubakamugore wawe? Umugore wawe? Abana bawe? Bagenzi bawe? Menya ko uri ingaruka itaziguye y'ibyo wavuze ejo cyangwa umwaka ushize, rero ni iki uri kuvuga? Ibintu byose uvuga byagakwiye kukubaka. Amagambo yawe akeneye ko uyaha agaciro. Reka kuvuga ngo "Ndakennye". Aya magambo azagenda azane umwuka w'ubukene mu buzima bwawe uzatumaze ibyo wavuze biba impamo!

Ibibilya iravugaga ngo Umwami yatumye Ijambo Rye (nk'abakozi), kandi biteguye gukora! Fata Imigani 18:21: "Ururimi ni rwo rwica kandi ni rwo rukiza, Abarukunda bazatungwa n'icyo ruzana." Uzi iyi nyigisho, ariko ugomba kuyishyira mu bikorwa. Ushobora kuba waravuze amagambo mabi mu bihe byashize. Uburyo bwonyine bwo kubikosora ni ukuvuga amagambo meza ahangana kandi agakuraho ayo magambo mabi none aha. Urarwaye? Vuga amagambo yo gukira hanyuma wibone wakize mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Guhera ubu, nzavugaga ubuzima. Amagambo yanjye afite imbaraga, kandi ibyo natwaza bizabaho mu izina rya Yesu. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 14:12

**1Abakorinto 10:26****Kuko isi n'ibiyuzuye ari iby'Uwiteka.**

Icyanditswe kitwerekera neza ko isi ari iy'Uwiteka n'ibintu byose biyirimo! Wigeze uhura n'ibihe wumva umutima uba uri ukwawo? Ntabwo uzi niba ari igihunga cyangwa ubwoba bwinsi. Aya ni yo marangamutima abangamye ugira iyo utekereje ko ushobora gusuzumwa ku biro bw' abashinzwe abinjira n'abasohoka ukabuzwa kwinjira. Amarangamutima adasanzwe aza iyo ibigeragezo by'ubuzima bije mu mutwe wawe.

Ubwishingizi bwawe muri mu Ijambo ry'Imana ko isi yose ari iy'Imana n'ibintu byose biyirimo! Iri ni ihishurirwa ry'uko

uhagaze mu gihugu, agace, n'umugabane uwari wo wose. Imana ugendana itunze ibintu byose, ahantu hose; ntabwo wakwimwira ikintu kiza icyo aricyo cyose. Kubera iki? Kuko ari icy'Imana, kandi uri umutunzi w'ibintu byiza. Ubwo butaka ushaka gufata, ayo mazu wifuza, igihugu ushaka ko kiba ubuturo bwawe buhamye, ikintu cyiza cyose wifuza, Imana yaravuze ngo Izaguha ibyo umutima wawe wifuza; rero ni ibyawe, mu izina rikomeye rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo nzabura ikintu cyose cyiza kuko nzi ko Imana itazima ikintu cyose cyiza ku bamwizera. Ibyiringiro n'icyizere cyanjye biri mu Mnana, kuko nzi ko nahawe icyo nifuza ubu n'iteka ryose!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 50:12

**Yohana 5:35**

Uwo yari itabaza ryaka rimurika, namwe mwamaze igihe gito mwishimira umucyo we.

Abantu benshi batekereza ko Ijuru ryuzuye abamarayika! Reka mbabwire ko atari buri bugingo bwose mu Ijuru bufite ishusho y'abamarayika. Ib-yaremwe bimwe bifite amaso ahantu hose kandi bireba mu byerekezo byose bidahindukiye. "Umumarayika" ni igisobanuro cy'umurimo. Ndi ugukora kuguhinduramo umumarayika. Ni kimwe no mu Isi. Ushobora kuba uwaka umuriro udategereza kubwirwa ahubwo ushyira mu bikorwa kwizera kwe kandi akaba umucyo mu isi y'umwuka kubwo gukora kwawe.

Abaka umuriro ni abaka umuriro kubwa Kristo; rero, bashobora kugenga ibiba

kandi bagatuma ibintu bihinduka batagishije inama ubundi butware. icyi cyanditswe kiravuga ngo "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." (Yohana 1:12). Ntabwo ugomba kuba Umuhanuzi cyangwa Intumwa ngo wake umuriro kubwa Kristo. Ni igihe cyo kongera urwego rwawe rw'umuriro mu kongera urugero rwo gukora kwawe

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinshobora kuba akazuyaze ukundi mu bintu by'Imana. Nzaba ibuye ry'umuriro n'intwari yaka mu maboko y'Imana. Intego yanjye ni ukwangiza, gusenya no gutsinda imigambi y'umwanzi ku buzima bwanjye. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

2 Peter 1:19

**Yohana 4:14**

Ariko unywa amazi nzamuha ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukiramo isoko y'amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho.

Iyo usomye imbanzanyandiko ngo ugire ubusobanuro bw'inyandiko, usobanukirwa ko igisubizo cya Yesu gishingiye ku kuri ko uyu mugore yari ari gusaba amazi y'ubugingo ngo inyota ye ishire burundu. icyakurikiyeho muri icyo kiganiro ni uko Yesu yahanuriraga uyu mugore ku buzima bwe; byaramutangaje hanyuma asobanukirwa ko Yesu ari we Mesiya!

Umugore yasabye amazi y'ubugingo, Yesu amuha ubuhanuzi. Ubuhanuzi ni amazi y'ubugingo Yesu yavugaga.

Amavuta ya gihanuzi arakubaka, araguhindura kandi araguhugura. Uteww imbere no gukora kwa gihanuzi. Hageze igihe ko utangira kwihanurira, ku bucuruzi bwawe, n'ejo hawe hazaza. Gukora kwa gihanuzi ni amazi y'ubugingo ibyanditswe bivuga ko ahora atemba, atogotera muri wowe. Tangira ubu gutegeka no kwatura ibintu kandi uzabibona biba mu bifatika.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nuzuye umwuka utanga ubugingo w'Imana. Gukora kwa gihanuzi kuri ku buzima bwanjye buzigaragaza muri uyu mwaka w'ljuru ku Isi. Imvugo yanjye no kwatura kwanjye bizagira impinduka ku rwego rw'isi kuko imigezi y'amazi y'ubugingo atogotera imbere mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:1



2 Abakorinto 4:18

Natwe nfitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose.

Imvubu ni imwe mu nyamaswa wabona ifite ubwenge. Ishobora kumva cyangwa igasobanukirwa yiyumviriye ubundi bwoko bw'inyamaswa mu bitometero 30 bitewe gusa n'ijwi iyo nyamaswa ifite. Ariko, imvubu ifite ikibazo cyo kureba, ntabwo ibona aharenze metero 20. Iyo imvubu iri mu byago ubwoba bukayitaho, yumva biciye mu byiyumviro byayo ko nta cyo bimaze kwishingikiriza ku maso yayo kuko idashobora kubona ibyo byago; rero, yishingikiriza bikomeye ku bushobozi bwayo bwo gutekereza.

Imvubu itera buhumyi ibyago imbere yayo ngo ibisenye. Intumwa Pawulo atubwira mu 2 Abakorinto 5:7 "kuko tuba tugenda tuyoborwa no kwizera, tutayoborwa n'ibyo tureba." Shinga imizi mu kwizera binyuze mu Ijambo ry'Imana ridafunguye rishobora gukiza ubugingo bwawe.; yego, Kristo ni we buye rikomeye duhagararaho. Igihe ni iki cyo kwambara kwizera ubwo ujya mbere ngo ugere ku ntego yawe. Amafaranga yawe araje, fata ukomeje kwizera kwawe, uyu mwaka "w'IJURU KU ISI" nturarangira, Imana iracyari ku ngoma!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndajya mbere nambaye kwizera, intego yanjye irahari, kandi n'imitekerereze yanjye irahamye, nzanasha ibidashoboka kubw'Umwuka w'Imana uyobora intambwe zanjye mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 11:1

**Abefeso 3:21**

Icyubahiro kibe icyayo mu Itorero no muri Kristo Yesu, kugeza iteka ryose ry'ibihe bidashira, Amen.

"AMEN" muri iyi nyandiko mu giheburayo rivuze "N'ibyo kwizerwa," "ni ukuri," "bibe bityo." Ni iki ukora nyuma yo kwemeza no kuvuga ijamba "bibe bityo" iyo Amateraniro yo ku Cyumweru arangiye? Iyo ugeze mu rugo, urongera ugasoma Bibiliya? Cyangwa urayireka igatora ivumbi kugeza ku Materaniro yo ku Cyumweru akurikira? Rero, ibisubizo by'ibi bibazo byose byerekana urwego rwawe rwo kumenya no gukura mu mwuka. Urabona, ubusabane bwawe n'Umwuka Wera ni bwite kandi ni gatozi.

Ntabwo wagendera ku myirondoro y'umukozi w'Imana wawe cyangwa ibinezaneza rusange by' amateraniro yo guhimbaza no kuramya! icyo ukora nyuma y'amateraniro yo ku cyumweru akomeye gifite agaciro. Umwuka Wera azatangira kuguha ibitekerezo by'udushya ubwo ugirana umwanya mwiherereye nawe mu rugo cyangwa ahantu hatuje. Tangira gukoresha ahantu ha wenyine mu rugo iwawe igihe nta muntu ureba, uhimbaze unaramye Imana nta kwifata hanyuma urebe iwawe hagwira ikirere cy'Ijuru ku Isi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka wera ni Umugaba wanjye umpa ugushira amanga, n'icyizere ubwo namamaza Yesu mu mahanga. Ubwenge bwanjye buri maso kandi umwuka wanjye urahembuwe kubw' Umwuka Wera uyobora intambwe zanjye. Nzasohoza iherezo nahawe n'Imana mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 11:36



2 Abakorinto 4:18

Natwe nfitureba ku biboneka, ahubwo tureba ku bitaboneka kuko ibiboneka ari iby'igihe gito, naho ibitaboneka bikaba iby'iteka ryose.

Ntabwo tubwiriza iterambere, ahubwo Umwami wacu Yesu Kristo, ari we utanga gutera imbere. Ntabwo turi kubwiriza gukira, ahubwo Yesu, ariwe ukiza. Kugeza igihe gukira kubaye umuntu kuri wowe, uraguma urwaye! Kugeza igihe gutera imbere bibaye umuntu kuri wowe, uraguma ukennye! Hari ikirere aho uhura n'umuntu uhuye n'ibintu, uwo ni Yesu Kristo. Hari ibikorwa bihoraho mu isi y'umwuka, ariko igihe ibyo bikorwa bitara shotorwa, biraguma bisinziriyeho!

Ibikorwa by'umwuka biri kuba mu nzu yawe, aho utuye, ahagukikije hose, ariko amaso yawe y'umwuka agomba gufunguka ngo abibone. Muri uyu mwaka w'Ijuru ku isi, ubwo utangira kujya I bwina mu gusenga, mu Ijambo, no mu busabane n'Umwuka Wera, amaso yawe y'umwuka azaba afunguye, uzatangira kubona mu birere byimbitse – iyindi si nyayo kurusha iyi si ifatika ureba ukanumva. Rero, sinzira gake, vuga gake, usenge cyane ngo ubeho ibirere by'umwuka byimbitse, mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubwenge bwanjye buri maso, amaso yanjye arafunguye, kandi intumbero yanjye iyobowe n'Ijambo ry'Imana. Sinarekura Ijambo ry'Imana kugeza igihe mbaheyo ibirere byimbitse byo ukuri kw'umwuka mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 9:11

**Matayo 5:16**

Abe ari ko umucyo wanyu ubonekera imbere y'abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu Ijuru.

Mu cyanditswe cyacu cy'uyu munzi, Yesu ntabwo yigeze ahagarikira ku kumenyekana ku mirimo myiza; yavuze ku cyubahiro, kigomba kujya kuri Se uri mu Ijuru. Rero, imirimo myiza Yesu yavuze yari imirimo myiza ihesha Imana icyubahiro. Bishobora kuvugwa ko abantu babonye imirimo myiza yawe babonye impamvu yo guha Imana yo mu Ijuru icyubahiro? icyubahiro cy'Imana cyagaragara binyuze muri wowe?

Uyu muni, ndagusengera: Reka ubuzima bwawe bube ikitegererezo cy'imirimo myiza izatuma abantu baha Imana yo mu Ijuru icyubahiro. Reka umusaruro wawe mu mwaka w'Ijuru ku Isi bitume abantu bizera Imana kurusha uko bigeze kubikora mbere. Reka imirimo yawe myiza ikururire abantu kuri Data, mu izina rya Yesu. Reka umucyo wawe wake kurusha ikindi gihe aho ukorera. Ndagusengera kugirango kubaho kwawe kuzatse imbaraga mu bantu nuhagera!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kwaka kwanjye kuzabyara imirimo myiza izatuma abantu begera Yesu. Aho nkorera, nzayobora abandi muko mvuga no muko mbaho mu bantu bagenzi banjye. Sinshobora kubaho ubuzima bw'ubwoba no kwiheba, ahubwo urukundo no gutekereza neza mu izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 4:18



1 Yohana 3:2

Bakundwa, ubu turi abana b'Imana ariko uko tuzamera ntukurerekanwa. icyakora icyo tuzi ni uko Yesu niyer-ekanwa, tuzasa na we kuko tuzamure- ba uko ari.

Niba utabizi, reka mbikubwire ubu ko uri kubaho ku kirere cya gihanuzi. 1 abakorinto 14:5 haravuga ngo nakunda ko mwese muvuga izindi ndimi..., ariko ikintu gikomeye kurusha ibindi cy-avuzwe muri uwo murongo ni uko bose bahanura. Ubuzima bwimbitse twinji-yemo mu Gihugu cy'Ubutumwa Bwiza gikomejwe no gukora kwa gihanuzi! Turya, tunywa, kandi dusinzirira mu gu- kora kwa gihanuzi. Amavuta yo gukora kwa gihanuzi yungura Itorero.

Uri kwubakwa nk'inyubako, itafari ku rindi. Mu mwaka wa 2023, witwa "Ijuru ku Isi" ni umwaka wahanuwe ku- rusha iyindi. Imana yarabivuze, Umuhanuzi yarabyumvise, kandi ibyo bi- rabyemeza. Uzabona icyo ari cyo kubaho ubuzima bw'Ijuru ku Isi; guke- na bigukuweho none aha. Uri kugendera mu mugabane w'ubwinshi; ndaguhanurira: Ubuzima bwawe buzizihizwa muri uyu mwaka mu izina rikomeye rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Navutse mu gihe nk'iki ngo nerekanwe ubwiza bw'Imana. Ndi utwaye Ubutumwa Bwiza, ndi utwaye imbaraga z'Imana kubw'Umwuka Wera wafashe ubuturo muri nje mu izina rya Yesu. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 1:12



Matayo 25:16

Uwo mwanya uwahawe italanto eshanu aragenda arazigenza, azenzuramo izindi talanto eshanu.

Nkunda uyu muntu muri uyu murongo kuko Bibiliya itubwira ko akibona italanto eshanu, ntabwo yabisubije imyuma, Yahise azishora, agura anagurisha ibicuruzwa. Yari ari ku isoko ry'imigabane, nk'ubundi bucuruzi bwemewe. Uyu muntu ntiyategereje ngo abwirwe icyo gukora. Abakristo bamwe barategereza bakongera bagategereza, babwira abantu ko bategereje Umwami kandi Umwami abategereje ngo batere iyo ntambwe y'ubwenge.

Ni inde waguhaye icyo gitekerezo? Ni inde waguhuje n'ibyo bikoreho? Ni inde urinze ukwo gushaka n'umuriro

wogukora ubucuruzi ugurumana muri wowe? Ubu, wakamenye ko ari ugukora kw'Umwami. Wabayeho uwo mu mudugudu igihe kirekire cyane. Ubu ni igihe cyo kujya ku rwego rw'isi, cyane cyane mu kuza kw'izi mbuga nkoranyambaga. Uyu muni ubwo ugengwa n'Umwuka Wera, ntutezuke. Uyu mugabo mu cyanditswe yahise akora, kandi yunguka ijana ku ijana y'inyungu. Ibyo byakabaye imyumvire yawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye ni ukunezerwa inyungu za buri muni ziva ku Mana, kandi nahamagariwe ibikomeye. Ndi umuterankunga w'Ubwami kandi ndi rukuruzi y'amafaranga; gukererwa ntawo biri mu mvugo yanjye. Nzatsinda mu bintu byose nkora, mu izina rya Yesu. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 12:6



Ibyakozwe n'intumwa 20:24

Ariko sinita ku bugingo bwanjye ngo nibwire ko ari ubw'igicro kuri jye, kuko nkwiriye kurangiza urugendo rwanjye n'umurimo nahawe n'Umwami Yesu, wo guhamya ubutumwa bwiza bw'ubuntu bw'Imana.

Umuntu yatangara gusa ku gushikama no gukomera kw'abigishwa. Ni gute bahinduye abantu abigishwa, bavuye ku bagabo bake babarika ku gutwara amahanga no kugira abarenga Miliyari 3.5 y'abakristo mu isi yose ndetse barenga? Bari abanyamurava, nta bwoba cyangwa impungenge ariko bari maso, bakomeje kandi biyemeje kurangiza inshingano zabo, Nk'uko abigishwa babikoze mu gihe cyabo, intego yacu ni "Ikuzimu hari ubusa n'Ijuru ryuzuye!"

Ushobora kumva ko ivugabutumwa cyangwa kubaho ubuzima bwo gusenga bigoranye, kandi akenshi bisa nk'aho hari igikuta kitagaragara hagati yawe n'igitangaza cyawe. Menya ko: Ubu ari cyo gihe cyo kunezerwa! Muri uyu mwaka w'Ijuru ku Isi, ibikuta byahagarikaga iterambere ryawe biri kugwana umuvuduko. Gukura kw'Itorera bizarenga ibyari byitezwe kurenza uko wabitekereza, Ikintu cyose cyakubuzaga kuzusa iherezo Imana yaguhaye n'intego yawe bizagwa mu izina rikomeye rya Yesu. Amen!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye buzavuga nk'ubutumwa bwanditse kugirango abandi babone kandi bamenye ukuri kwa Kristo muri njye. Naratanzwe wese kuri Kristo, mbaho ubuzima bw'umusaraba!

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 15:58

**Abefeso 5:18**

Kandi ntimugasinde inzoga zirimo ubukubaganyi, ahubwo mwuzure Umwuka.

Itorero uyu muni rizi cyane ibirikikije kurusho uko rimenya ugukora kw'Umwuka Wera. icyanditswe cy'uyu muni kureruye: Tugomba gusinda mu Mwuka Wera! Igisobanuro nyacyo ni "muhore murimo kuzuzwa." Mukomeze musinze kubw'Umwuka Wera kugera igihe ubaye umusinzi mu Mwuka! Aburaha mu ntiyanyeganyeze. Yari umusinzi mu Mwuka ariko agumana igihagararo cye n'intego. Ni wowe ungana iki wahaye Umwuka Wera?

Abakrito bamwe baha Umwuka Wera kimwe cya kabiri cy'ubuzima bwabo

ariko ikindi gice bakagisigarana! Gushaka ko Imana igenga urushako rwawe, abana bawe, n'akazi kawe ariko amafaranga agasigarana ikosa, Itange wese ijana ku ijana, wibire byuzuye wuzure Umwuka Wera, Akugenge byuzuye; n'imyambarire yawe igengwe n'amahitamo ya Mwuka Wera. Mwizere burundu. Ni cyo gihe gusa uzabona umwuzuro w'imbaraga Ze.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi Umukristo wuzuye Umwuka Wera. Ubuzima bwanjye bwose bugengwa kandi buhemburwa no kubaho kw'Umwuka Wera muri nje. Ndi uwa Yesu, kandi ubuzima mbayeho ni We ubuzenza uko Ayobora intwambwe zanjye!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 1:15

**Matayo 24:7**

Ishyanga rizatera irindi shyanga, n'ubwami buzatera ubundi bwami, hazabaho inzara n'ibishyitsi hamwe na hamwe.

Imana niyo Alpha na Omega, bishatse kuvuga ko ari Yo itangira itangiriro imaze kurangiza iherezo. Imana yafashe igihe cyo kubara umusatsi uri ku mutwe wawe kandi inezereye buri gace ko kubaho kwawe. Iyo usobanukiwe ubusobe bwawe kuva imbere kugera hanze, umenya ko Imana itakurakariye ahubwo igukunda bikomeye.

Ibiri kuba mu isi ntabwo ari bishya ku Mana; turi kuri eschatos – iherezo ry'iherezo ry'igice cya nyuma. Ibi-

menyetso byose bigaragara birahari ngo birebwe na bese. Ibiri kubaho ahadukikije byahanuwe kera. Twabonye ibyorezo nka COVID-19 y'urwego rw'isi yose byatumye ubukungu bw'amahanga bunanirwa. Inkuru nziza ni uko, nk'Umukristo, ntabwo ibi bintu biba bigutungura. Ahubwo, Bibiliya itubwira guhumura iyo ibi bintu biba kuko gucungurwa kwawe kuri hafi. Amakuru ya buri muni ntabwo kwiyeye kugutera ubwoba. Humura! Ijambo ry'Imana rirakora!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Navukiye igihe nk'iki ngo mpindure kandi ntange ubutunzi ku mahanga. Ndi ijwi ry'Imana kuri uru rubyaro; sinshobora gucecekesha, nzakomeza kuzamuka mu izina rikomeye rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 21:11



1 Timoteyo 4:15

Ibyo uje ubizirikana kandi abe ari byo uhugukiramo, kugira ngo kujya mbere kwawe kugaragarire bose.

Ubuzima ni ubucuruzi. Uba uri kugira inyungu cyangwa uri kugira ibihombo, Rero, ugomba gutafa ibyemezo bimwe byitindeye kugirango wunguke mu buzima. Abantu bamwe bitiranya kuba hafi y'umukozi w'Imana nk'imbaraga, ubutware, cyangwa urwego rwo hejuru mu isi y'umwuka. Bibagiwe kwiyubaka mu mwuka ngo baneshe intambaea z'ubuzima no kugira inyungu. Ariko, ugomba kwiyubaka mu byizerwa byera cyane ngo muhangane n' imihindagurikire y'ubuzima mufite inyungu.

Igihe cyageze ko ujanya ubuzima bwawe bwo gusenga no kwiga Ijambo ku yindi ntera. Gukura kwawe kw'umwuka kugomba kwaguka kuva kuri uru rwego kujya ku nzego zo hejuru. Ikibazo ni uko Abakristo bensho bataramenya ko ubuzima ari umwuka kandi bagitekereza ko ubuzima bugenwa n'ibiri ku butaka cyangwa bifatika. Ariko, ukeneye ugomba kuba ushinze imizi mu buryo bwagutse mu bintu by'umwuka. Uzagenda mu buzima n'inkuru y'inyungu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi maso mu buryo bw'umwuka; ntabwo nsubirisha ibigerageza mu buzima n'uburyo bufatika. Mfite imbaraga ku bibaho mu buzima. Ntabwo nzirengagizwa kuko Uri muri nje akomeye kuruta uri mu isi.

IBINDI BYANDITSWE

3 Yohana 1:2

**Yohana 14:13**

Kandi icyo muzasaba cyose mu izina ryanjye, nzagikorera kugira ngo Data yubahirizwe mu Mwana we.

Reba umwihariko muri iki cyanditswe: "icyo" nzagikorera, ntabwo ari ikindi icyo ari cyo cyose. Urabona abantu benshi baheze kuri "cyose" ntibasobanukirwe ko Yesu avuga "icyo" cyihariye nzagikorera. Ntabwo uzigera wumva ko isengesho ari ngombwa itarumva impamvu dusenga. Umugabo cyangwa umugire w'isengesho ni umuntu w'impinduka. Amayobera y'isengesho ni ugusobanukirwa uwo uri we muri Kristo! Iga gusenga nk'Umukruto kuko nta mu-sirikare wo gusenga ubaho!

Bibiliya ivuga ko uri umutsinzi no kurushaho, rero ni nde waba uri kurwanya? Imana iri kugenza nawe bishingiye kuri icyo kintu cyihariye wifuzaga biyanye n'Ijambo Rye. Uko usenga, uha Imana uburenganzira bwo kwinjira mu byawe. Rero, gira umwihariko mu byo uri gusengera. Isengesho rihira Imana uburenganzira bwo gukorera ku isi. Rero, iyo uri gutanga ubwo burenganzira, reka bibe ari iby'umwihariko, bicishije make, birasa ku ntego y'igisabwa. Kristo muri wowe ni we uri kuvuga, rero isengesho ryawe byemejwe ko risubizwa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi hejuru y'ibibaho; ubuzima bwanjye bwo gusenga buzatanga ubusabe by'umwihariko w'ibyo nshaka kubona bihinduka mu buzima bwanjye no mu muryango wanjye, kandi bizaba mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 7:7s

GoodNews

DAILY

Kids



**1 Abakorinto 15:31**

Ndabarahira yuko mpora mpfa uko bukeye, mbiterwa n'ishema mfite ku bwanyu muri Kristo Yesu Umwami wacu.

Buri joro, umubiri wawe ugira ibihe byihariye kandi bidasanzwe: umubiri uba wizera ko wapfuye. Muburyo bwo kureba ko ukiriho, ubwonko bwawe butangira gukurikirana ibimenyetso by'ingenzi mu gihe uryamye bikaba byatera gushikagurika iyo hari ikintu kibura. Niyo mpamvu rimwe na rimwe uzikanga cg ukisanga umuniri uri kwikoresha. Ni nkaho umubiri usoma ibyanditswe ugasanga ukwiriye gupfa buri muni. N'ibitangaje nkibi bishobora kumvikana, uru rupfu rwa nijoro rurakenewe kugira mgo ukomeze ubuzima!

Birasanzwe kuba twakora ibintu tutabyikoresheje, ariko igituma tuba abanyembaraga by'ukuri ni uburyo duhitamo kwitwara muri icyo gihe. Aho guhungabanywa n'ubwibona cyangwa uburakari, itoze gupfa buri muni. Fata umwanya witekerezeho urebe muri wowe iyo mico, imitekerereze, n'imyifatire ishobora gutwara umutima wawe. Shakisha amahoro buri muni upfa buri muni kubw' umutuzo n'ibishimo nyakuri. Reka ibihe by'ubwibona bigende upfira buri gihe kuba umunyakuri no gukora iby'ukuri, kandi ureke ibyaha bishire hamwe no kwiyibutsa ko wapfuye kuri byo ubungubu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite imbaraga z'Umwuka Wera kandi mfite umugisha w'imyitwarire y'amahoro n'ibyishimo bidahungabana! Ntabwo nyobora n'ikintu icyo aricyo cyose gisubiza inyuma uwo ndiwe cyangwa kizana akavuyo mu buzima bwanjye. Ntakintu cyamungabanya kuko amahoro y'Imana arengeye kure ibishaka kumpungabanya byose.

IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 3: 14-15

**Abefeso 1:11**

Ku bw'owo natwe twarazwe umurage tubitoranirijwe kera nk'uko Imana yabigambiriye, ikora byose nk'uko ibishakamu mu mutima wayo.

Kumenya inkomoko yawe n'ibyingenzi kugira ngo umenye ubuzima bwawe bw'ubu n'igihe kizaza. Abashakashatsi bagaragaje ko akaremangingo kawe (DNA) karimo igishushanyo mbonera cy'uwu uri we, igena imico yihariye kandi ishobora no kongera kwandura indwara zimwe na zimwe. icyo bisaba gusa ni ugufungura aya makuri, kandi bishobora gukorwa mu magambo. Ibyo uvuga bifite imbaraga zo kwiyerekana mu mubiri wawe bigafungura ibyiza byose bifunguwe mu turemangingo twawe!

Iyo mbwiriza, nkunze kuvuga ibyo umubyeyi wanjye, Pastor Chris Oyakhilome, n'umubyeyi we mu Mwuka, Archbishop Benson Idahosa, bagiyeye bakora. Mu kubivuga, mba mfungura uturemangingo muburyi bw'Umwuka. Iyo usobanukiye gukomera, gushira amanga, n'amagambo yuzuye kwizera y'abakubanjirije mu Mwuka bigufasha gusobanukirwa ubushobozi bwawe bwo kuba wagera ku rwego rutagaragara. Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, ibohore ubwawe kugira ngo ugere ku bikorwa bitangaje nk'ibiri mu bisekuruza byawe by'Umwuka. Wange guceceka: uvuge kubakubanjirije nta soni kandi umenye ko gukomera kwabo kuri muri wowe! Byizere maze ubone ingaruka nziza zo kwihuza n'ibisekuruza byawe bikomeye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nakuyeho inzitizi zashize kandi narazwe ubuzima bushya muri kristo! Ibyo afite byose ni ibyanjye ngo nezerwe!

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 4:4



1 Yohana 3:1

Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye.

Hari itandukaniro hagati y'igitekerezo n'ukuri. Abakora amamodoka bafite uburyo bwo gukurura abashoferi babazeranya udushya twinshi ku modoka nshya; ziba zigaragara neza zinasa neza kuburyo uyirebye wese ayishaka ariko ntayigereho. Nubwo ibyo tureba byatuma tugira amarangamutima twese, ariko mu masezerano yabo nta kintu kiba kirimo. Iba isa neza ariko itarangiza gukorwa. Mubyukuri ziba ari ishusho y'igitekerezo cy'umuntu.

Bamwe babona Imana nk'igishushanyo cy'ibitekerezo by'umuntu, igitekerezo kikaba cyagera kure kuburyo umuntu acyizera. Ariko, ndakubwira ko, Imana ari Ukuri! Ntabwo ari nka byabindi by'amahirwe y'ahazaza ubwo uzategereza kugera mu ljuu kugira ngo ubimenye cyangwa ubyibonere. Ntabwo Imana iri ahanu kugira ngo uyirebe; Ishaka kuba mubuzima bwawe nonaha! Ntabwo ishaka ko ukomeza gutekereza ljuu nk'ikintu cyo mubihe bizaza - Hoya! Ahubwo, Ishaka kuzana ljuu mu buzima bwawe uyu muni kugira ngo ugire umunezero wose iguteganyiriza! Umuryango wafunguwe ku bwawe. Ngwino winjire nawe wiyumvire uburyohe bw'urukundo Rwe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Urukundo rw'Imana rumvane mu bubabare no kwibuka ahashize habi runjyane mu Mugambi w'Imana mu buzima bwanjye. Nakiriye amahoro, umunezero, urukundi n'ubuntu bwo mu ljuu nk'ukuri k'ubuzima bwanjye bwa buri muni.

IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 29:11

**Umubwiriza 9:11**

Nongeye kubona muni y'ijuru mbona yuko aho basiganwa abanyambaraga atari bo basiga abandi, kandi mu ntambara intwari atari zo zitsinda, ndetse abanyabwenge si bo babona ibyokurya, n'abajituse si bo bagira ubutunzi, n'abahanga si bo bafite igikundi, ahubwo ibihe n'ibigwirira umuntu biba kuri bese.

Bisaba Umwuka w'Imana kugira ngo usobanukirwe by'ukuri ibyanditswe. Bitabaye Ihishurirwa Ryen twaba duhisha mu mutwe hejuru y'ibyo tubona bidahura. Urugero, "aho basiganwa abanyambaraga sibo basiga abandi" ugendeye ku mahame ya muntu ufite imbaraga cyangwa se uzi kwirukanka cyanwe niwe utsinda irushanwa, ariko bibiliya iri kutubwira ibitandukanye. Sobanukirwa neza ko Imana itakugomba ibisobanuro; ahubwo ikugomba ihishurirwa. Rero, kubona ibisa nk'ibidahuye n'ubuzima busanzwe mu Ijambo ry'Imana ni ubutumire kandi ni amahirwe yo kujya mu buzima bwimbitse.

Reba, Bibiliya ntabwo ari igitabo gisanzwe, ibitabo bisanzwe biba ari ibitabo bipfuye, ariko Bibiliya itangaza ko Ijambo ry'Imana ari rizima! Buri cyanditswe kirenze ubumenyi n'imyumvire gakondo. Menya imbaraga n'igitinyiro cy'Ijambo rizima! Gufungura umutima wawe kugira ngo wigishwe na Mwuka Wera bigufasha kugira ihishurirwa rirenze ibintu ibyo aribyo byose watekereza. Hamwe na Mwuka Wera nk'umufasha wawe, wemere aya mahirwe mu buzima bwimbitse bw'Umwuka kandi wemere kumurikirwa n'ibigutegereje.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka w'Imana niwe mufasha nizeye muri ubu buzima bwimbitse. Ndategetse kandi ndatangaza ko ubwenge bwanjye bwiteguye, umutima wanjye ufunguye, kandi umwuka wanyewe witeguye kwakira ibituriye mu Ijambo ry'Imana rizima.

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 4:12



Ibyahishuwe 1:6

Akaduhindura abami n'abatambyi b'Imana ye ari yo na Se, icyubahiriro n'ubutware bibe ibye iteka ryose, Amen.

Ukurikije amabwiriza y'ikinyarwanda, interuro ituzuye iba yangije amategoko agenga imyandikire. Urabona, itumanaho ntabwo ari uguhuza abagukurikiye gusa ahubwo no gutanga amakuru muburyo bukwiye. Interuro zicagaguye cyangwa se zituzuye, zifatwa nko kuba utarasoje amashuri y'imyandikire. Gutanga inyandiko yuzuyemo amakosa byakuviramo kubura amanota. Mu buryo nk'ubwo iyo umuntu avuga mu nteruro ituzuye, aba afite ibyago byo gufatwa nk'utarize, cyangwa "injiji". Iyo bigeze mu bintu by'umwuka naho hari "amabwiriza"

akurikizwa.

Iyo uzamuye isengesho ryawe ku Mana, Imana iteganya ko isengesho ryawe n'uburyo riteye bigomba guhura n'ibisabwa n'ururimi yashyizeho. Isengesho ni intumwa wohereza mu bihe bizaza ryitwaje amagambo meza kandi akomeye. Wahawe imbaraga zo gutanga ibyifuzo nk'umutambyi kandi ugatega ibintu ngo bibeho nk'umwami. Rero, niwongera gusenga, urenge urwego rwo gutanga ibyifuzo. Soza isengesho ryawe nk'umwami utangaza ibintu bikomeye bijyanye nuko ibintu bizagenda ukurikije Ijambo ry'Imana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kuva mu cyumba cy'intebe y'Imana, ntanga ibyemezo, amatangazo n'imyanzuro. Amagambo yanjye yuzuye kwizera afite imbaraga zihindura ibintu byose biri iruhande rwanjye, maze ibyapfuye byose bigasubirana ubuzima.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 4:11

**Abakolosayi 1:27**

Abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza.

Ese ubona bidatangaje kuba buri mwaka, uko amasaha agenda, itangazamakuru ritangaza "icyorezo gishya cy'ibicurane?" Maze nyuma, virusi ikagaragara kandi ikangiza abantu. Bimeze nkaho igenzura kalindari maze ikavuga, "Aha! Iki nicyo gihe cyo kongera gutuma abantu barwara nanone!" Amagambo y'itangazamakuru n'abantu baryizera baha imbaraga aka gakoko gato maze kagatangira gusohozza inshingano zako. Abantu bakajya hiryu no hino bashakisha imiti y'ibicurane, kandi haza inyumvire ik-

abije yerekeye virusi yinjira mu mibiri y'abantu. Maze ikiganza mubitekerezo by'abantu kugeza aho kwitsamura gato bahita batekereza ko icyorezo cyica cyabagezeho.

Nyamara, muri buri muKristo harimo umukozi - ufite imbaraga zitagira akagero kuruta ikintu cyose kibangamira umubiri we. Intumwa Pawulo yabyise "Kristo muri wowe." Ushyire mubitekerezo byawe ko Kristo ari muri wowe. Niba hari ububanza mu kaguru kawe, vuga ko, "Kristo ari mu kaguru!" Uhore utekereza Kristo muri banki yawe kandi ari muri rugingo rw'umubiri wawe. Anga kwihuza n'ibibi. Ahubwo, ringaniza intugu zawe maze wature, KRISTO ARI MURI NJYE!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkorera mubumenyi bw'uko Kristo ari muri njye. Muri njye nifitemo imbaraga zo gutsinda ikibangamira cyose. Ubuzima bwa Kristo buri hejuru y'agace kose k'ubuzima bwanjye. Ubuzima bwanjye ntibuzigera bugabanuka; ubukungu bwanjye ntibuzigera busubira hasi. Kristo ari muri njye! Halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 4:4

**Abaroma 10:8**

Ahubwo kuvuga kuti “Ijambo rirakwegereye, ndetse riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe. Ni ryo jambo ryo kwizera, iryo tubabwiriza.”

Imbaraga zitagira umupaka ziba muri buri umwe wese. Dushobora gutekereza ibitekerezo bitangaje kandi tukabiyaza umusaruro. Nubwo twahura n’umusozo, twahacukura tukahabona inzira muri wo. Imana yakuremye muburyo udashobora gutekereza ko hari ikintu kidashoboka. Ibyo bisobanuye ko niba ushobora kubitekereza, birashoboka. Ariko, ibyo bisaba imitekerereze yo ku rwego rwo hejuru, ukanga kubona ikintu icyo aricyo cyose nk’inzitizi. Kwizera gutuma bishoboka.

Mu isi y’umwuka, amagbo yawe ameze nk’imbwa y’inkazi igenda ishaka inzira. Iyo uvuze, uba uciye imihanda itandukanye ku bintu udashaka ko biva mu buzima bwawe hamwe n’ibyo ushaka ko biza mubuzima bwawe. Utaravuga, ibibazo ntibyabona aho bisohokera. Niyo mpamvu twirukana amadayimoni tuvuga: HANZE, MU IZINA RYA YESU! Iri jambo rikora imihanda kugira ngo basohoke. Ni iki cyagumye mubuzima bwawe kandi utagishaka? Ibibazo biri mu buzima bwawe bitegereje ko usakuza ulabiha inzira yo gusohoka. Ukeneye gusa kuvuga ijambo ukabitegeka kujya hanze. Ubwo nibwo butware ufite muri Kristo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite kwizera nk’ukw’ Imana gukuraho inzitizi zose. Amagambo yanjye afite imbaraga zo kuzana ibisubizo, kandi ingeso zose zishaje zirukanywe mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 4:29

**Abafilipi 4:6**

Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.

Gusenga ni igice gikomeye mubuzima bw'umuKristo kandi ni ikintu gifite imbaraga zo kongera ubusabane bwawe n'Imana. Iyo dusenga, tuba twifungura kugira ngo twumve Data dukunda, tumwemerera gukuraho amaganya no gushidikanya. Iyo usenga mu Ijambo bihoraho, utangira kurushaho kumva aribyo bizamura kwizera kwacu; tukubaka umubano ukomeye hamwe n'Imana twunguka ubwenge buturuka gusa kuri We utuzi neza.

Amasengesho kandi akomeza umwuka wacu, adufasha gusobanukirwa neza mu gihe dushobewe, kandi akatuyobora, binyuze mu gukora kwa Mwuka Wera, kugira ngo tubeho dukurikiza ubushake bw'Imana. Tubona imbaraga n'ubutwari iyo duhuye n'ibyemezo bitoroshye cyangwa ibihe byo kugeragezwa. Iyo ibintu bidukomerereye, atwibutsa ko tutari twenyine, uko ingorane no kwiheba byaba bingana, kuko Imana ihorana natwe. Rero ntutinye kuvuga ibitekerezo, ibiyumvo byawe ndetse n'ibiguhangayikishije. Hamagara Umwami uyu muni; isengesho yawe ntiribura kumvwa!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkuzwe n'Imana byimbitse. Nta mpungenge nimwe mubuzima bwanjye Atitayeho. Buri kimwe cyose mubuzima bwanjye kiri muni Ye, kandi muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, nta gushidikanya mfite!

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 5:7; Abafilipi 4:7

**Abafilipi 4:4**

Mujye mwishimira mu Mwami wacu iminsi yose. Yewe, nongeye kubivugana nti "Munezerwe!"

Rimwe rimwe na bisa nkaho bikomeye kwishima cyangwa se kugumana isura yishimye mu bihe nk'ibi. Isi yuzuyemo imico mibi, amakuru mabi aravugwa ahantu hose kuburyo bisa nkaho nta kintu cyo kwishimira gihari. Abantu benshi bitiranya umunezero no kwishima. Ibyishimo n'umunezero byose ni amarangamutima atuma tumererwa neza. Ariko, hari itandukaniro hagati yabyo. Ibyishimo bigendera kubiri kuba; biterwa n'ibihe byo hanze kandi byihuta muri kamere. Umunezero, kurundi ruhande, uturuka ku Mana kandi uhoraho.

Umunezero ni umuco wo mu Ijuru, kandi uri umuturage w'Ijuru, bisobanuye ko umunezero ari umuco wawe. Kuba byonyine Ijambo ry'Imana rikubwira ko ugomba kunezerwa ibihe byose bisobanuye ko bishoboka kubikora. Rero, igihe ubuzima bukugoye, hindukire nturube kubikugoye byo hanze ahubwo wibwire uti "Ndi muri Kristo - Ahantu h'umunezero udashira!" Ntazigera akureka cyangwa ngo agutererana cyangwa ngo agusige, bisobanuye ko umunezero we uhari ngo uwukoreshe. Rero fata icyemezo mu mitekerereze yawe - hitamo umunezero utagize ikindi kintu witaho!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umunezero wanjye uri mu Mana idahinduka; kubwibyo, ntabwo mpugabanywa n'ibiri kuba. Ahubwo mpindura ibiri kuba iruhande rwanjye. Nfitaye ku bimpugabanya, nzatsinda kandi ntange amashimwe nyuma y'amashimwe!

IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 5: 22-23

**Ivug 30:19**

Uyu muni ntanze ijuru n'isi ho abahamya bazabashinja, yuko ngushyize imbere ubugingo n'urupfu, n'umugisha n'umuvumo. Nuko uhitemo ubugingo, ubone kubaho wowe n'urubyaro rwawe.

Kugira inyurabwenge bivuze kuba byumvikana, bifite amakuru n'ibihamya kugira ngo ufate imyanzuro myiza. Ni ugutekereza witonze, ugafata imyanzuro isobanutse kandi ugakoresga ibimenyetso byerekana amakuru utanga. Inyurabwenge idufasha kubona ibisubizo, mu buryo bunoze, aho kugira ngo ugenekereze. Kuba wagira ibitekerezo bifite sihingiro bigufasha kwihitiramo neza. Ariko iyo bigeze ku buzuma bwawe, hashobora gufatwa imyanzuro idahamya n'ibitekerezo shingiro byawe.

Urugero, niba warigeze ubagwa kwa muganga, wemereye umuntu utazi witwa muganga, utarigeze akwerekana impamyabumenyi ze, aragusinziriza, afungura umubiri wawe, arangije aguca ibihumbi by'amafaranga kubw'ububabare yateje.

Nubwo imiti igira umumaro wayo, Ijambo ry'Imana rirenze cyane ibitekerezo byawe kandi ritanga ubuzima bwo hejuru kandi ritanga gukira kutarino ububabare kandi butagira ikiguzi bugusaba. Usabwa Kwemera gusa, nyuma yo kwemera ukagira ukwizera. Ntuzigere wemerera imyuvire y'isi ikubuza gusobanukirwa ibishoboka mu isi y'Umwuka. Kwizera nyakuri gushingiye ku bumenyi bw'uko Imana izakora ibyo yavuze izakora, nubwo utaba uzi uburyo bizacamo ngo bikorwe. Iyandikishe muri sisitemu y'ubuzima bw'Imana unyuzwe mu Ijambo ry'Imana, maze ubone ibitangaza byo gukira bihari kubwawe uyu muni!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatangaza, nzabaho hejuru y'uburwayi, ubukene no gukena uko ariko kose, mu izina rya Yesu rihambaye!

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 1:25

Abefeso 5:16**Mucunguze uburyo umwete kuko imin-
si ari mibi.**

Terefone tugendana zimaze kwinjira cyane mubuzima bwacu aho usanga umuntu usanzwe ayifata inshuro zigera muri 2,617 ku munsi! Ugereranyije abantu bamara amasaha 2 n'iminota 23 ku mbuga nkoranyambaga buri munsi. Izi mbuga bazamamaza nkaho kuzikoresha ari ubuntu, ariko igihe cyose ikintu gitangiwe ubuntu, igiciro kiba ari umwanya wawe. Terefone ngendanwa zasimbuye amasaha yatwibutsaga igihe, rero ni ibisanzwe kuba usanga umuntu abyuka afata terefone mbere yo kugira ikindi akora.

Aho kugira ngo ufate terefone uyikore-
she ukibyuka, banza uvugishe Imana.

Fata akanya uce bugufi maze usenge isengesho rya mugitondo, uahimire Imana maze ugirane ubusabane Nayo. Maze utangire wature ibintu bibeho. Bwira umunsi wawe icyo ugomba kugukorera.

Ntuhagararire aho: gerageza gufata iminota itandatu buri saha ku munsi maze usenge. Ugitangira bisa nkaho bigoranye, ariko iminota itandatu si myinshi cyane nko kurusha iminota indirimbo isanzwe imara! Nugerageza guhindura ibingibi, hamwe niyi mpinduka mu bikorwa byawe, uzisanga wabikije icyacumi cy'umunsi wawe mu masengesho, kandi buri saha izaba irinzwe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amagambo yanjye ahabwa imbaraga n'Ijambo ry'Imana. Buri munsi, nca inzira mu isengesho, kandi ejo hanjye haremwe n'amagambo yanjye. Nta na rimwe ritazatanga umusaruro.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:10-11

**Matayo 22:32**

'Ni jye Mana ya Aburhamu n'Imana ya Isaka n'Imana ya Yakobo?'

Bivugwa ko izina ry'umuntu ari cyo kintu kimuryohera kandi cy'ingenzi mu rurimi urwo arirwo rwose. Izina ry'umuntu ni ingenzi kandi rifatwa nk'ubusobanuro bw'uwo ari we. Amazina ni bumwe muburyo bw'ibanze umuntu abasha kukumenya kandi akagutandukanya n'abandi, kandi akenshi riba rifite ubusobanuro mu muko, umuryango, ndetse nubusobanuro bwihariye kuri wowe. Izina rifite agaciro gakomeye kuburyo no mu byanditswe, Imana ubwayo yihuza n'amazina y'abantu nka Aburhamu, Isaka, na Yakobo.

Amazina ni Ijambo rya gihanuzi. Bitekerezeho. Igihe cyose uvuze izina ry'umuntu uba watuye ubusobanuro bw'iryo zina. Niyo mpamvu ari ingenzi cyane kwemerera Mwuka Wera kugufasha guhitamo amazina wiyita cyangwa wita abana bawe. Numvise umwana witwa kajagari, noneho nyina agahora yibaza impamvu umwana ahora ateza ibibazo. Fata umwanya ushake ubusobanuro bw'izina ryawe. Niba atari izina Imana yakwihuza naryo, urhindure.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze ko satani anyiba ikiranga uwo ndi we. Ndi uwo Imana ivuga ko ndi we; nkora ibyo Imana ivuga ko nakora. Ndi umukungu, umunyamugisha, kandi mba hejuru gusa. Nashyirirweho kuba umukungu no gutsinda muri uyu mwaka kandi buri gihe.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 1:21

**Abaheburayo 1:14**

Mbese abamarayika bese si imyuka iyikorera, itumwa gukora umurimo wo gufasha abazaragwa agakiza?

Ni irihe zina waha umukozi udafite icyo gukora? Igisubizo kiroroshye - utagira akazi! Birumvikana nk'ibisekeje, ariko aba kristo benshi bafata abamarayika babo nk'abatagira akazi. Urabona, Imana yaguhaye abamarayika nk'abakozi bawe. Bibiliya ivuga ko bari hano kugira ngo bagukorere. Imana yabashyizeho kugira ngo ubabazaze umusaruro ubakoreshe. Ariko, abamarayika, ni ibiremwa byemewe nta mategeko. Bakora icyo babwiwe gukora, ntibajya bihereza umurimo ubwabo.

Nkunda kuvuga ko Abakristo badatanga ibyo bigishijwe gutanga; ahubwo batanga ibyo babwiwe gutanga. Abamarayika nabo ni uko. Ntiwabigisha kugusubiza. Ahubwo basubiza kubyo babwiwe gukora. Basabwa kubwirizwa, kandi bakabikora. Nutababwirira icyo gukora buri muni, baguma bahagaze aho nk'abatagira icyo gukora. Ntukemerere abamarayika guhagarara ntacyo bakora. Babwire icyo gukora!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka ingabo z'abamarayika. Amagambo yanjye yuzuye Ijambo ry'Imana. Iyo mvuze, abamarayika bumva Imana ivugaga kandi bakubaha amabwiriza yanjye. Ndategeka abamarayika kugenda imbere yanjye kandi bafungure imiryango yose y'amahirwe. Ndategeka kandi ndatangaza ko amafaranga aje!

IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 12:1-11



wa, siko bwikiye kumera.

IMIGANI 8:13

Kūbaha Uwiteka ni ukwanga ibibi, Ubwibone n'agasuzuguro n'inzira y'ibibi, N'akanwa k'ubugoryi ni byo nanga.

Inzira z'umwanzi zirashukana muburyo bwihishe, niyo mpamvu usanga n'abaKristo bashobora kwisanga bashimishijwe n'ibyo Imana yanga. Ibi biteza impagarara n'amakimbirane mu mwuka. Urugero, abaKristo benshi baraseka iyo babonye umugabo wambaye imyenda y'abagore anagenda nkabo, kandi Imana yo ivuga ko ari ikizira kuri Yo. Bamwe bamagana imico y'ubusambanyi n'irari ariko bakicara imbere ya tereviziyo amasaha menshi bareba ibyo bintu kuri tereviziyo zabo, bigatuma bemerera satani guhindura ubwenge bwabo. Mukund-

Biragoye cyane kuba wakura umuntu mu kabari yicaye ku gatebe ari kunywa byeri. Ibyo byakwangiza ubuhamywa bwawe kandi hari amahirwe yuko watangaza ubugingo bw'uwo warugiye kuzana kuri Kristo. Muri ubu buzima bwimbitse, hagombaho kubaho itandukaniro rinini cyane hagati y'abantu b'Imana nabatari ab'Imana. Gutinya Imana niyo ntwaro. Gutinya Imana mu magambo make bisobanuye gukunda ibyo Imana ikunda ukanga ibyo Imana yanga. Ijambo ryayo n'Umwuka wayo bizakumenyeshya ibyo bintu ibyo aribyo. Rero, vuga neza ubutwari bwawe, kandi tuzigere uteshuka ku buhama bwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndagiriye kuba indahemuka ku Mana. Ijambo ry'Imana niryo ubuzima bwanjye bwubakiyeho, kandi nta mishyikirano nzagirana n'umwanzi.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 6:14-18

**Malaki 3:11**

Nzahana indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo ku butaka bwanyu, kandi n'umuzabibu wanyu ntuzaragarika imbuto mu murima igihe cyawo kitaragera. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.

Icyacumi ni ihame ry'umwuka ryabanjirije Isezerano rya Kera kandi rirenze Isezerano Rishya. Ahantu hambere havugwa icyacumi ni mu Itangiriro 14:20, ubwo Aburahamu yahaye Melikisedeki icyacumi. Aha hari mbere y'amategeko. Mubyukuri, Mose yari ataranavuka! Icyacumi ni ihame ryo kwizera! Ni ugutangazwa kw'icyubahiru uha Imana kuko ari Yo iguha kandi ikarinda imigisha yose ufite Yaguhaye. Hari inyungu zagenewe abatanga icyacumi. Imana yabasezeranyije "guha-

na indyanyi."

Ibyo bisobanuye ko ikintu cyose ubara nk'umugisha mu buzima bwawe gikwiye gufatwa neza. Umwanzi ntiyemerewe gukora ku mafaranga yawe; ntiyemerewe gukora ku kintu icyo aricyo cyose ukora, yewe n'ubucuruzi bwawe, urushako, abana, umurimo w'Imana, cyangwa ubuzima. Rero, niba hari agace k'ubuzima bwawe umwanzi ari kugusagarira, bwira umwanzi akure intoki ze ku bikugenewe! Imana iza-gushyigikira ntuzatsindwa!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi wose, kugira neza n'imbabazi bizankurikira mu izina rya Yesu! Buri mugambi wose w'umwanzi ukuweho! Satani ntazabyara imigambi ye mibi mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Malaki 3:10-12






BECOME A **GoodNews** PARTNER TODAY BY VISITING
DAILY
WWW.GOODNEWSWORLD.COM/GNDPARTNER

GoodNews

DAILY

EVANGELISM



**Itangiriro 1:26**

Imana iravuga iti “Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n’inyoni n’ibisiga byo mu kirere, n’amatungo n’isi yose, n’igikururuka hasi cyose.”

Imana yaturemye tumeze Nkayo no mu ishusho Yayo, gusa waba warigeze wibaza impamvu? Reka mbisobanure muri ubu buryo. Iyo bari gukora gant zo kwambara mu ntoki, bakoresha ibikoresho bikwiriye kandi bakabidoda neza kuburyo iyo irangiye iba yitwa gant. Ubikora aba afite igitekerezo kimwe mu mutwe: aba ashaka ko ikiganza gikwirwamo neza. Imana nayo ikurema, nicyo gitekerezo yarifite. Yarakwitondeye ikurema neza kuburyo Nayoyi kwirirwa muri wowe.

Iyo ikiganza kinyeganteze na gant iranyeganyega. Ifata icyo ikiganza gifashe kandi ikarekura icyo ikiganza kirekuye. Biragenda neza kuburyo ugeraho ntubashe gutandukanya gant n’ikiganza kirimo imbere. Ubwo nibwo bumwe Imana ikeneye kugirana nawe. Uri Imana igenda, iyo uagenda, Imana iba igenda. Iyo uvuze, Imana iba ivuze. Imana iri muri wowe, kandi ni icyifuzo cyayo ni ukuzuzza Ubumana mu mpande zose zo kubaho kwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ishusho y’Imana. Ngenda, mvuga, nitwara, kandi nkora nk’Imana. Ibitekerezo byanjye bihura neza n’ibitekerezo by’Imana, kandi amagambo yanjye ni amagambo y’Imana. Amarangamutima yanjye ni amarangamutima y’Imana. Nitanze ubwanjye wese ku Mana kugira ngo isohoze umugambi wanjye.

IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 4:19



1 John 4:17

Ibyo ni byo bimaze gutunganya rwose urukundo muri twe, kugira ngo tuzatinyuke ku muni w'amateka, kuko uko ari ari ko turi muri iyi si.

Lions are majestic creatures living in the African savannahs and grasslands. They are known for their strength, agility and courage. Watching a lion roar is an awe-inspiring experience that can take your breath away. Their manes are beautiful, full of powerful energy that radiates from them. The various shades of brown, orange and yellow make them stand out from all other animals. Lions have become symbols of royalty around the world, with many cultures honouring them as icons of bravery and strength. There's no doubt about

it – lions truly are wondrous beings!

It is no wonder that Christ is likened to a lion. The Word of God calls Him the Lion of the Tribe of Judah, and you are just like Him. You are strong, majestic, and courageous. You have God's mark of distinction on you that sets you apart from the rest. You are royalty! God wants you to understand who you are. You are truly a wondrous being! It is not in your nature to be intimidated by anyone or anything. The Lion is in you! So, get up each morning and roar at anything that dares challenge you!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta bwoba ngira! Iyo mvuze, amagambo yanjye aba afite imbaraga no gukomera kw'Imana. Aho ngiye hose, mba nshyigikiwe n'ijuru; Ndayoboye. Ahantu hose ndayoboye!

IBINDI BYANDITSWE

Ibyahishuwe 5:5



2 Timoteyo 1:6

Ni cyo gituma nkwibutsa gusesa impano y'Imana ikurimo ngo yake, iyo waheshejwe no kurambikwaho ibiganza byanjye.

Abantu benshi bize iyobokamana, aba pasitori n'abigisha bagiye basobanura uyu murongo bavuga ko impano ivugwa mu cyanditswe ari imwe mu mpano z'umwuka. Nyamara, impano ivugwa hano ni Mwuka Wera nk'umuntu, nyiri ugutanga impano z'umwuka! Noneho niba Mwuka Wera muri wowe ariyo mpano ukeneye gusesa, wabikora ute rero? Ni gute wasesa umuntu? Ni uko uhora ubyiyibutsa.

Umuhimbyi wa zaburi yarabimenye, maze muri zaburi 103 atubwira guhora

twiyibutsa ibyiza byose Imana yadukoreye. Iyo ushaka kongera kwatsa umuriro, ujye wicara wibuke ibintu byose Imana yagukoreye! Imana ikeneye ko ugira umuriro wayo muri wowe. Rero, niwisanga warakonje, utakibasha gusenga, wirengagiza gusoma Bibiliya, ufite ubwoba bwinshi, uhangayitse kandi unihebye, subiza umuriro muri wowe! Uhore wiyibutsa ibyo Imana yagukoreye buri gihe kugeza ubwo umuriro wa Mwuka Wera ugaragaye muri buri gace k'ubuzima bwawe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umuriro w'Imana uri kuri njye, kandi urumuri rwanjye ruramurika cyane kuburyo abanzi banjye bahuma. Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi, nuzuye umuriro w'Imana, kandi isi yose izambona nuzuye umuriro!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 103: 1-5

**Luka 21:1-3**

Nuko yubura amaso abona abatunzi batura amaturo yabo, bayashyira mu isanduku y'amaturo.

Dukorera Imana imenyereye kwakira amaturo mu buryo butandukanye. Igihe umwami Dawidi yagaruraga Isanduku y'Imana ayikuye mu nzu ya Obededomu, buri gihe uko abahe-tse isanduku bateraga intambwe esheshatu, Dawidi yatambaga impfizi n'ikimasa nk'ibitambo. Tekereza gutanga amaturo ashytse nkayo inshuro 3000 mu iteraniro rimwe! Ariko, ntabwo ari ibimaza cyangwa impfizi, kubwacu si amafaranga - Imana ntikeneye amafaranga yacu. icy'ingenzi ni uburyo wubaha Imana!

Imana yitaye cyane kubyo usigaranye kurusha ibyo watanze, kuko ibyo byerekana neza urwego uriho rwo kubaha. Ibi bisobanura neza impamvu Yesu yarebye umupfakazi atura amasenga abiri - akamenya ko yatanze kuruta abatunzi bose. Yatanze ibyo yarafite byose atanga ku Mana yubaha. Nuja gutanga, ujye wibuka ko Imana ifite uburenganzira bwose bwo kwanga ituro ridahuye n'icyubahiro Cyayo. Rero, Uyihereze ibyiza ufite kuko uyikunda kandi uyubaha kandi kuko Uha Imana wishimye kandi unezerewe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndafungura imbaraga zo gutanga byimbitse. Nubaha Imana kandi nkayihya ibyiza byanjye byose.

IBINDI BYANDITSWE

Luka 21:1-4



Luka 17:6

Umwami ati “Mwagira kwizera kungana n’akabuto ka sinapi, mwabwira uyu mukuyu muti ‘Randuka uterwe mu nyanja’, na wo wabumvira.

“Kwizera kungana n’akabuto ka sinapi” ni icyanditswe cyizwi cyane. Ariko, benshi ntibaramenya ubusobanuro bwaryo. Imana ni Imana yo kwizera, kandi nta kintu gito kuri We. Niwe waguhaye kwizera ufite uyu muni. Rero, igihe Yesu yavugaga ku kwizera kungana n’akabuto ka sinapi, ntabwo yashakaga kuvuga ubunini bw’ukwizera kwawe ahubwo yashakaga kuvuga ubushobozi bwo kwizera kwawe. Ahubwo ntiyishimiye kwizera guke.

Kwizera kw’Imana muri wowe gufite ubushobozi nk’ubw’igiti cya sinapi, kuko ni ukwizera gukura cyane. Nk’igiti cya sinapi, kwizera kwakura kuva ku kantu gato hakavamo ikintu kinini cyane gitwara ahantu hani. Ibi bishibora kubaho gusa iyo utoza kwizera kwawe, aribyo Imana itegereje ko ukora. Ukoresha kwizera kwawe mu tuntu duto, nyuma uko ukura - nako kuzakura - maze ukoresha kwizera kwawe kubintu binini kugera aho ugize kwizera gukomeye cyane!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ukwizera nk’uko Imana ifite. Kubwibyo, niteguye guhura n’ikibazo kandi nkagitsinda. Uyu muni ntegereje abakomeye bo gutsinda kuko kwizera kwanjye kutanyeganyezwa, gukomeza kuzanwa no kumva Ijambo ry’Imana, kandi ntituzatsindwa.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 8: 23-26



2 Abakorinto 9:8

Kandi rero Imana ishobora kubasāzaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagiye muri byose

Tekereza kubaho ubuzima wihagije udakeneye inkunga y'amafaranga. Ibyo nibyo Imana igushakaho. Nubwo waba wumva ushaka gufasha abagusabye amafaranga bose, cyangwa se imiryango yose ifasha abatishoboye bakubwiye ukumva bigukoze ku mutima, ni ingenzi kwibuka ko kubaho wihagije mu bukungu ari umugambi w'Imana. Bibiliya itwigisha guha buri muntu wese udusabye, ariko ibyo ntibisobanura ko ugomba gutanga ibyo bagusabye byose.

Niba ushaka gutera imbere bya nyabyo, ujye ufatira amakuru ku bantu bateye imbere: amakuru ni urufunguzo rw'ubukungu. Nibyo, bashobora kuba bafite amafaranga asaguka, ariko bazi neza ko na duke wahabwa tutakugeza kure udafite ubumenyi bugufasha. Gufasha biza nyuma y'uko "ufite ubutunzi bwishyamba". Rero ni gute wagera kuri urwo rwego rwo kuba wihagije? Binyuze mu gusobanukirwa Ijambo ry'Imana no gutanga ukurikije ubushake bw'Imana. Niwita ku Bye, Nawe azita ku byawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imanarimba ububasha bwo kumenya icyiza, kandi ubwenge nibwo buyobora gutanga kwanjye. Muri uyu mwaka w'Ijuru Ku Isi nzatanga ku buryo butangaje. Hallelujah!

IBINDI BYANDITSWE

Hebrews 5:14



Abaroma 12:3

Ndababwira umuntu wese muri mwe, mbwirijwe n'ubuntu nahawe, mwe kwifata uko mutari, ahubwo mutekereze mwitonze nk'uko Imana yagereye umuntu wese kwizera.

Niba wumva utameze neza, Inkuru Nzizani uko ushobora kwakira gukira igihe icyo aricyo cyose. Ushobora kumva byoroshye, ariko niko kuri. Ibuka, nubwo kwakira gukira byaba ari ako kanya, kugaragara kwabyo gushobora gufata igihe bitewe n'urwego rwo kwizera kwawe. Kwizerera mu gukira, bigusaba kuba ufite ubumenyi buva mu ijamb ry'Imana. Ibuka kandi ko kwizera guhoraho, kandi udashobora gukoresha urwego rumwe rwo kwizera muri buri kibazo.

Waba warigeze wumva ucitse intege igihe wahuraga n'ikibazo waruziko witeguye ariko nyuma ugasanga ntiwari witeguye? Ni ibintu bigoye kubyumva, gusa ni ikosa risanzwe abantu bakora. Waba uziigisubizo? Banza ukoreshe kwizera kwawe mu tuntu duta mbere yuko ujya ku bibazo bikomeye. Ubitekereze nkaho ari imyitoto ukoresha inyama zo kwizera kwawe. Mu kugenzura kwizera kwawe, ushobora kwirinda gushyira mu kanwa ibiruta ibyo wahekenya. Ongera wibukeko, kwizera atari ikintu wongerera mu ijoro rimwe – bisaba kwitoza, no kudacika intege.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nizera Ijambo ry'Imana rihoraho kandi rihagije ari ryo rimpa imbaraga zo guhindura ibyo mpura nabyo! Nkora iby'Ijambo ry'Imana kandi rimpa imbaraga buri muni!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 1: 16-17



Yakobo 1:19

Nuko rero bene Data bakundwa, umuntu wese yihutire kumva ariko atin-de kuvuga, kandi atinde kurakara.

Ikimenyetso gitukura cyerekana ahantu hari ibyago kandi bikomeye. Ni ikimenyetso gihamagarira abakibonye bese gutanga ubutabaz cyangwa kwitegura no kwirinda ikintu kibi. Buri segonda rigira umumaro iyo hari ikimenyetso gitukura, imyanzuro ikomeye iba igomba gufatwa byihuse kugira ngo umuntu yirinde cyangwa arinde bagenzi be batagerwaho nibyo byago. Ibimenyetso bitukura ni ibimenyeshya byihuse mu gihe habayeho ibintu byahungabanya ubuzima kandi bisaba gukorwaho byihuse kugira ngo harindwe Ibiza.

Isi y'Umwuka irekana ibimenyetso bitukura, ariko ntibisobanuye ko ibyo bigomba kuba ari ibikubangamira cyangwa bikagutera ubwoba. Bityo rero, bikwiye kutwongerera imbaraga kandi bikaduha kwiga uburyo twabaho muri ibi bihe.

Buri jambo ryose uvuga rifite imbaraga kandi rifite uburemere bwo guca inzira kugira ngo imyuka ize ikuganaho, rero kumenya kuyobora ibyo uvuga ni ikintu cyagufasha kugena ubuzima ushaka kubaho. Rero shyira ikimenyetso gitukura ku munwa wawe. Mbere yuko uvuga jya ufata akanya utekereze, kandi wibuke ko amagambo uvuga afite ubushobozi bwo kuzana impinduka zihindura ubuzima. Uhere utekereza ko uri hagati y'ubuzima n'urupfu, bizagufasha kwirinda ikibi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatangaza Ijuru Ku Isi mu bukungu, ubuzima, n'amagambo yanjye. Nzabona ibyiza uko byagenda kose, mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 54:17

**Matayo 17:27**

Ariko kugira ngo tutababera igisitaza, jya ku nyanja ujugunyemo ururobo, ifi uri bubanze gufata uyende, uyasamure urasangamo sitateri, uyijyane uyibahe ku bwanjye no ku bwawe."

Nubwo isi dutuyemo ihura n'ibibazo n'imbogamizi mu bukungu bwabo, ariko abaKristo bafite ubundi buryo bwabo bwo kubitsa no kubikuzza – uburyo bufite imzi mu kwizera kandi bufite imbaraga zirenze izisanzwe! Igihye Yesu yabwiraga abigishwa kuroba abantu, yabahamagariraga gukora no gutangiza uburyo bushya bwo gutanga no gukora burenze ubwo bari bamenyereye. Gukurikiza amabwiriza bahawe nUmwami nibyo byatumye Petero abasha gusubiza no gukemura ibijyanye n'ubukungu bwe.

Imana ikwitayeho kandi izafungura amahirwe y'ubukungu arenze ayo utekereza. Nkatwe turi mu bucuruzi, Imana itubwira kugira neza ariko cyane cyane abaKristu – jya mu isoko ry'abaKristo! Ibwiriza ry'Imana rivuga "shaka" amafaranga nirwo rufunguzo. Ubwo dushakisha isoko y'umwuzuro, nta mipaka ihari kubyo Imana izaduha. Inyanja yuzuyemo "amafi," kandi muri uyu mwaka w'amafaranga, uzarenga kuba umukungu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nihuje n'uburyo bw'Imana bwo kubitsa no kubikuzza. Ubukungu bwanjye burarinze; ntibuzigera bukama. Mfite uburyo ngera kubintu ndengakamere, kandi Imana yanjye yampaye ibiruta ibyoye nkenera nsaba n'ibyoye ntekereza!

IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 6:10

**Itangiriro 1:28**

Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibintu byose bifite ubugingo byigenza ku isi."

Uyu ni umwaka w'Ijuru Ku Isi, kandi Imana yawutangaje ko ari Umwaka w'Amafaranga kubantu bari mu-bucuruzi! Rero, buri muntu wese ufite ibikorwa by'ubucuruzi wizera uku kuri kandi akizera Ijambo ry'Imana, ubucuruzi bwawe buzatera imbere ntakabuza. Nubwo waba nta buzinesi ufite, ntabwo wakererewe cyane nubu watangira! Umushinga wawe uha Imana ahantu ho gushyira amafaranga yawe. Ubu ndakumva uvuga uti ese ko nta buzinesi yanjye mfite? Nishimiye ko

ubibajije.

Imana yaremanye buri umwe wese imbaraga zo kuba umutunzi! Hamwe n'izi mbaraga zirengeye, Imana yaduhaye uburyo inzira zo gutera imbere mu bucuruzi muri kiriya cyanditswe nubundi. Haravuga ngo "mwororoke". Ugire ikintu utanga cyangwa ugurisha gifite agaciro. Harongerera hakavuga ngo, "mwikube." Ibikorwa ukora ubikube bibe byinshi kandi byose bifite ubuziranenge. Hakongerera hakavuga ngo "mwuzure." Bisobanuye ko ububiko bwawe bukwiye kuzura ugahaza amasoko. Ahanyuma haravuga ngo "mutware:" uyobore abo muhanganyee ku isoko!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta kintangira na kimwe kubyo nageraho byose. Mfite imbaraga nyinshi zo kugira umwuzuro. Ndategeka kandi ndatanga za ko abanzi banjye batazankoraho kandi ubukunfu bwanjye bwanditswe!

IBINDI BYANDITSWE

Gutegeka kwa kabiri 8:18

**1 Yohana 2:15**

Nfimugakunde iby'isi cyangwa ibiri mu isi. Umuntu nakunda iby'isi, gukunda Data wa twese ntikuba kuri muri we.

Urugendo rwa 'What would Jesus do' (WWJD bisobanuye Ni iki Yesu yakora) rwatangiyeye mu 1896 igihe umuvugabutumwa yabazaga abo yigishaga uti mujye mwibaza uti "ni iki Yesu yakora?" mbere yo kugira umwanzuro cyangwa ikindi kintu ukora. Ibi ama miliyoni y'abantu ku isi yose yabigendeyeho mu kuyobora ubuzima bwabo no mu gufata imyanzuro itandukanye. Iyi nteruro yamamaye mu mico itandukanye, kandi mu buryo bugaragara kuri buri wese ubireba. Ariko, hari imibereho ya Yesu ibura kuburyo bugaragara kandi abantu badakoresha: umuco wo kwitandukanya.

Yesu yabayeho ubuzima butangaje bwo kwitanga wese no kubaha Imana. Umuhamagaro wo gukurikira Yesu udusaba gukora ibirenze kubaho ubuzima busanzwe bwa giKristo – ni umuhamagaro wo kwera nyakuri no gukura mu mwuka. Mu kwirengagiza irari ry'imitima yacu ryo gukunda iby'isi nibyo byonyine bitumen tubasha kwakira isezerano ry'umubano wimbitse hamwe n'Imana. Nta yindi nzira usibye kwigomeka ku byaha. Uhitemo kwanga inzira y'icyaha maze ubeho mu bushake bw'Imana. Noneho, kandi noneho, uzabasha kumva ubwiza n'ibitangaza by'ubuzima bubambwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu rwego rwo hejuru uko ndushaho kwitandukanya burundu n'umwuka uwo ariwo wose unjyana mu by'isi kandi ndushaho kubaho ubuzima bwimbitse, ubuzima bubambwe. Ndimu wese, kandi nta gusubira inyuma!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 17:16

**Itangiriro 5:23-24**

Iminsi yose Henoki yaranye ni imyaka magana atatu na mirongo itandatu n'itanu. Kandi Henoki yagendanaga n'Imana, ntiyaboneka, kuko Imana yamwimuye.

Ubwiza buriganwa. Uku niko kuri mu-bucuruzi, imibereho, ndetse no mu mwuka. Abantu bahora bumva uburyo mbibutsa umubyeyi wanjye n'umwigi-sha wanjye, Pastor Chris Oyakhilome. Niko bimeze. Birenga urwego rwo kwigana amagambo, ibikorwa ndetse n'imitekerereze y'umuntu nkunda nubaha; ahubwo ni ukugira ngo ndeme igicu cy'ubuzima nk'ubwe. Bibiliya ivuga ko Henoki yagendanaga n'Imana, noneho Imana ikamutwara, ikamwambara nk'uwambara umwambaro igatambuka ikamukura muri iyi si. Ariko,

mbere yuko uku kujyanwa kubaho, henoki yageendanye n'Imana imyaka 300!

Ntabwo dufite igihe gihagije cyo kubaka ubusabane bw'igihe kinini nk'ubwo Henoki yagiranye n'Imana. Rero, tugomba kureba inzira za bugufi zo mu mwuka. Imwe muri izo nzira zza bugufi ni ukureba umwe muri abo bantu wishimira wubaha ukiga icyatumye bagera aho bageze, maze nawe ukiga ibyo bintu. Ni iki kintu bita ko ari ingenzi mu buzima bwabo? Ese ni amasengesho? Ese ni ukwitandukanya? Cyangwa se birashoboka ko ari uburyo batanga bahereza Imana. Wigane ibyo bintu uko ushoboye kose, uzisanga nawe ubayeho ubwo buzima kandi ubone n'inyungu zabwo!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ukusanya Ubuntu. Ubuzima bwanjye burima gutera imbere ku muvuduko wo hejuru! Uyu mwaka, ndazamuka nk'ihembe ry'inyamaswa.

IBINDI BYANDITSWE

1 Abakorinto 11:1

**Umubwiriza 10:19**

Ibirori bigirirwa gusetsa, kandi vino in-ezeza ubugingo, kandi amafaranga ni yo asubiza ibintu byose.

MAmafaranga rimwe na rimwe avugwa nabi, ariko tubashije kumva imbaraga zibyo yatuma tugeraho nibyo twakora muguteza imbere Ubwami bw'Imana, isi y'ibishoboka yahita ifunguka ku bwacu. Abantu kenshi bibaza impamvu tuvuga ku mafaranga nkuko tubikora. Igisubizo kiroshye: urayashaka! Amafanga ni umwuka, kandi mu isi y'umwuka ntushobora kubona ikintu udafiteho ubumenyi. Udafite ubumenyi, kutamenya bikubera umusozi imbere y'amafaranga yawe.

Imana ishaka ko utera imbere mu buryo ubwo aribwo bwose, cyane cyane

ubukungu bwawe, rero tugomba kubivuga, nawe ugomba kubivugaho. Iryo ni ihame ryo kwizera ryerekana ko ufite ukwizera kwo kwakira. Rero, kuba umukire kuko ariko Imana ibishaka. Iyo amafaranga aje kuri wowe, ujye uyakoresha nk'amahirwe uhawe yo kubaha Imana maze uteze imbere Ubwami. Amafaranga si ikintu kibi – byose biterwa nuko uyabona! Rero, uyu muni fata umwanzuro wo gukoresha amafaranga yose ubona kubw'umugambi w'Imana, maze ushire amanga utangaze ko amafaranga aje kuri wowe!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndakura amagambo mabi ku mafaranga mu kanwa kanjye kandi ndategeka nkanatangaza ko, nzaba umukire! Nzafera imbere! Amafaranga yumva ijwi ryanjye kandi agasubiza. Amafaranga aje kuri njye nonaha!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 35:27

**Mariko 9:23**

Yesu aramubwira ati "Uvuze ngo 'Niba mbishobora'? Byose bishobokera uwiz-eye."

Faith begins where the will of God is known, and the will of God is His Word. When we know the will of God and submit to it, we acknowledge that God is all-knowing and trustworthy. It is from this position that we pray. Faith allows us to go beyond doubt as we trust God's promises, believing His Word without reservation. However, when we insert 'if' into our prayers, we are essentially telling God that we don't fully trust Him or His plan for our lives. "If" is a child of doubt.

"If" is an indication that you don't know the will of God. When you're certain of the will of God, you can boldly declare as Jesus did in John 11:42: "I know you hear me always!" Understand that everything in the life of a Christian works by faith. You cannot please God without it. So, when you pray, ask in faith without doubting. The moment doubt is introduced that prayer has been nullified. Doubt your doubts! Dare to believe the Word of God, and let nothing stop you. Know for certain there are no "ifs" when you pray; it's when!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Doubt is not in my vocabulary in this year of Heaven on Earth. God hears me every time I pray, and His promises are guaranteed. If His Word says it, that settles it. Amen!

IBINDI BYANDITSWE

Yakobo 1:6

**Abaroma 15:13**

Imana nyir'ibyiringiro ibuzuze umunezero wose n'amahoro biheshwa no kwizera, kugira ngo murusheho kwiringira mubiheshejwe n'imbaraga z'Umwuka Wera.

Niba warigeze usezeranya umwana ikintu, usobanukiwe neza icyo bivuze kuba nk'umwana igihe bigeze mu kwakira Ijambo ry'Imana. Abana baba mu isi yuzuye ibishoboka gusa, bizera ko ibintu byose bishoboka. Iyo ugize icyo ubasezeranya, amaso yabo yuzura ibyishimo bakakwizera byuzuye. Ntabwo bakeneye igihamya na kimwe cy'uko uzakora ibyo wabasezeranyije. Bizera ibyo wababwiye gusa, bakabivuga buzuye ibyishimo, kandi bagategerezanya amatsiko kwakira ibyo wabasezeranyije.

Yesu yatwigishije yuko tugomba kuba nk'abana bato kugira ngo twinjire mu Bwami bw'Imana. Ukwera kwabo, uburyo baca bugufi, no kwizera byoroshye ni ingero zikomeye z'ukuntu dukwiye kubaho nk'abaKristo. Dushobora gufatira uru rugero ku bana batoya, tukizera Imana, Yo itabeshya cyangwa ngo ihinduke. Yahoze ari Iyo kwizerwa kandi izahora Yizerwa. Imana yaduhaye impamvu zose zishoboka kugira ngo twizere ko ibyo ivuga ariko biri byose. Rero, fata Ijambo ry'Imana nkuko umwana muto arifata, kandi unezerwe uzi ko Imana izasohozza amasezerano yayo kuri wowe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana ni ihame ry'ubuzima bwanjye. Iyo Imana ivuze, nakirana Ijambo ryayo umunezero kuko nziko Ariyo kwizerwa mubyo ivuga. Amen.

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 1:20

**Luka 5:19**

Babuze aho bamwinjiriza kuko abantu bahuzuye, burira hejuru y'inzu bamucisha mu mategura, bamumanurana n'ingobyi hagati yabo imbere ya Yesu.

Mariko 2, umurongo 1-5, hatubwira neza ku byerekeye kwizera kudasanzwe. Abantu bane bari batwaye umuntu umugaye bamushyiriye Yesu, ariko nta buryo bari kumugeraho. Hari huzuye abantu benshi nta nzira bari kubona yo kumugeraho, ibirenze ibyo bari banamutwaye mu ngobyi, ariko ntibyigeze bibaca integer. Bari bazi neza ko Yesu afite igisubizo bakeneye kandi bafite umwete wo kubona icyo bashakaga, bazamutse hejuru y'inzu, basakambura inzu, bamumanura hasi ku butaka. Uku ni ukwizera kudasanzwe!

Nusobanukirwa neza Imana yawe, ntuzigera utitira nibaguha amakuru mabi cyangwa se ngo wemere ko umuntu aguhakanira. Umukoresha wawe nakwirukana, umunsi ukurikiye uzasubire ku kazi nkaho nta cyabaye. Umugabo wawe navuga ko ashaka gatanya, uzaseke maze umubaze amafunguro ashaka gufata nijoro. Nibaguha ibisubizo bitari byiza kwa muganga, shima Imana ko ubu noneho uzi gukira ukeneye. Imana irashoboye! Sakambura ibibazo byawe maze wizere Imana!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Niba Imana yarampaye 'yego,' nanze kwemera 'oya' mu izina rya Yesu rikomeye. Hallelujah!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 5:17-20

**Luka 18:1**

Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe. Arababwira ati

Imwe mu mpamvu Abakristo bazatangira ni "urwitwazo rwo kubura umwanya wo gusenga". Kandi igihe ufite byinshi byo gukora, nicyo gihe ugomba gusenga cyane. Ibihe biguhugije cyane nk'ibyo bisaba ubufasha bwo mu mwuka kugira ngo bigufashe kugera ku musaruro mu gihe gito cyane ndetse no mu nzira nziza. Aho kugira ngo wumve uhuze cyane ku buryo utasenga, umunyabwenge akwiriye kuvuza ati, "Mfite akazi kenshi ko gukora ku buryo nkeneye gufata umwanya mwinshi mu isengesho". Uzazamurwa mu mbaraga zawe ndetse n'ihishurirwa, bizaguhesha umuvuduko w'indengakamere.

gukamere.

Icyanditswe cy'uno muni kitubwira ko twaremewe gusenga. Ko ibigize kuba ikiremwa muntu bigenwa n'ubuzima bwo gusenga. Ngaho tekeraza uri umukristo uhora usaba abandira ko bagusengera kandi wowe udasenga. Bigenda gute? Utakaza ubusabane bwose bwite n'Imana Data. Rero, Gusenga ntabwo ari ugutanga isoko maze ukiruhukira, isengere nawe ubwawe.

Mu gusenga, urubakwa, ukongererwa imbaraga, ukayoborwa netse ukabona imbaraga n'ubuntu bw'Uwitwaka ndetse no gutabarwa mubyo unyuramo. Ntabwo dusenga kuko dukomeye igitangaza gusa; dusenga kuko turi mu mubano w'urukundo hamwe na Data wo mu ijuru ukunda by'ukuri.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubwo Nsenga uyu muni, buri jambo natura rizafata ishusho kandi rikore ibitangaza mu buzima bwanjye, mu izina rya Yesu rikomeye! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 40:31

**Imigani 29:12**

Iyo umutware yumviye amazimwe, Abagaragu be bose baba abanyab-yaha.

ugira ngo dusobanukirwe icyanditswe cy'uyu muni, dukeneye gusobanura icyo aricyo umubeshyi. Umubeshyi n'uvuga ikintu icyo aricyo cyose gihabanye n'ijambo ry'Imana. Nta tandukaniro runaka bitanga kuba ikintu cyaba cyumvikana neza cyangwa se uburyo cyamamaye, niba kidahuje n'ijambo ry'Imana, n'ikinyoma.

Nusoma icyanditswe twifashishije, urahita ubona agaciro ko kuba umuyobozi w'umunyakuri. Abenshi mu basoma iri jambo rya buri muni n'abayobozi mu bushobozi butandukanye bw'ubuyobozi. Ushobora kuba uri umutwe

w'urugo, umuyobozi'itsinda ku kazi, umupasiteri cyangwa se umuntu washyizwe mu nshingano mu kintu runaka nubwo cyaba ari gito – ibyo bikugira umuyobozi kandi bigushyira mu cyanditswe cy'uyu muni.

Urugero, nuhora ubwira abantu ko gukira indwara by'igitangaza bikomeye, cyangwa se ko Imana idakunda abantu bose, ibyo ni ibinyoma. Iyo utwawe no kumva ibintu byose bikuza mu matwi utayobowe n'Umwuka Wera – uhinduka imbata y'ibinyoma byangiza abo uyoboye. Kuko igihe cyose wita ku binyoma, abo uyoboye bagira ububi nk'ubwibinyoma byavuzwe. Witondere ibyo wumva.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwuka Wera anyobora mu kugendera mu kuri. Ndi umunyakuri kubw'ibyo ukuri kuzanzamura kandi kundinde hamwe n'abampanze amaso bose, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Petero 3:10

**Matayo 14:23-24**

Amaze kubasezera aragenda, azamuka umusozi wenyine ajya gusenga. Bwari bugorobyeye, ari yo wenyine. Ariko ubwato bugeze imuhengeri buteraganwa n'umuraba, kuko umuyaga ubaturutse imbere.

Icyanditswe cy'uno muni kitwerekana igihe gikurikira neza igaburirwa ry'abantu ibihumbi bitanu barenga. Umwami Yesu yitandukanyaga n'igikundi cy'abantu maze ijoro rigeze, Ari mu mpinga y'umusozi mu mwiherero usesuye, aho amara ijoro ryose ari gusenga. Igiton-do gikurikiye hagati ya 03:00 na 06:00 arabyuka, bivuze ko yaryamye amashaha make cyangwa se ntanaryame, Amanuka maze ako kanya – agendera ku mazi.

Ni bangahe bageraje kugendera hejuru y'amazi MAZE nyuma yo kunanirwa, bagahita mo gufata igihe cyo gusenga? Urugero rwacu rw'ibanze rutwerekana uko ibitangaza bikoreka, kandi ibanga riroroshye cyane – gusenga! Iyo ufashe igihe wiheje telephone yawe, televiziyo, ndetse n'inshuti zawe maze witandukanirize ubusabane bwawe na Data, uhinduka umuntu utanyeganyezwa!

Iyi niyo mpamvu benshi bagwa bubanye bageraje gukora iki gitangaza cyangwa se ikindi. Fata umwanya, senga, maze ugendere ku mazi! Halleluya.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kristo muri nje angira umuntu w'indengakamere! Mfite ubushobozi bw'ubumana butuma mba hejuru ya satani; kandi nta kintu na kimwe kintanshobokera uyu muni, mu izina ry'Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 1:8

**Malaki 3:3**

Kandi azicara nk'ucura ifeza akayitunganya akayimaramo inkamba, azatunganya abahungu ba Lewi, abacenshure nk'uko bacenshura izahabu n'ifeza, maze bazature Uwiteka amaturo bakiranutse.

Igikorwa cyo gucura ntabwo gihora cyoroshye. Ibi byuma by'agaciro bivugwa mu cyanditswe cy'uyu munsu bishyirwa mu bushyuhe mugera kuri dogire 1650 za Celsius (3000 Fahrenheit) mu gikorwa cyo gucurwa. Ibi biradufasha gusobanukirwa ijamborw'uno munsu.

Gucurwa mu Mwuka bihangana na kamere y'ubwibone cyangwa se kudaca bugufi, imyifatire mibi, kutagira

kwizera n'ibindi byinshi bidatunganye biba mu bantu b'Imana. Urabona, nk'umukristo, ugomba kwemerera Umucuzi Ukomeye, Uwiteka Imana Yacu, Jehovah, kugucura. Ushobora kudakunda icyo gikorwa, ariko umusaruro urahebuje!

Senga kandi utekereze byimbitse umunsi wose kugira ngo ugume utunganyijwe kandi wejejwe umwanda wose w'umubiri ndetse n'umwuka. Hari ugucurwa ndetse no kwezwa kw'umwuka kuri kuba kano kanya uko usenga!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndejejwe kandi nacuzwe n'Umucuzi wanjye! Uko ntekereza byimbitse uno munsu, hari ugutunganywa kuri kuba muri njye halleluja!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 66:10

**Abaroma 8:19**

kuko ndetse n'ibyaremwe byose bitegerezanya amatsiko guhishurwa kw'abana b'Imana.

Ijambo rikoreshwa ahanditse guhishurwa ni "apokalupsis". Risobanuye ihishurirwa, kuboneka, gufungurwa kw'amaso. Ngaho ibaze uburyo ibyaremwe, ibyo ni, ibiti, amariba ndetse n'inyanja, inyenyeri zo mu kirere ndetse n'ibyaremwe byose bitegerezanyije amatsiko guhishurwa kwawe nk'uhagarariye Umwami Yesu Kristo ku isi!

Umwijima uri mu isi werekana ko iki aricyo gihe cyawe cyo kurabagirana cyane kurusha ikindi gihe cyose wabikoze. icyanditswe cy'uyu muni kivuga ko isi itegerezanyije amatsiko

ko wigaragaza, ko uboneka, gufungura amaso ya benshi, gukuraho amagaragamba ku maso yabo kubw'icyubahiro cy'Imana. Kubohora bose ubakura mu bishuko birimbura bya Satani. Ibuka ko uri umucyo mu isi y'umwijima, kandi uri umunyu w'isi, uyihya uburyohe. Uzana agahabuzo, ubwiza ndetse n'igisobanuro ku buzima bw'abari mu isi yacu.

Igihe kirageze ngo ushire amanga, ukomere kandi utange umusaruro kurushaho kuri iyi si. Igihe kirageze ngo isi ibone ibyiza bikurimo kandi biratangira none!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Iki ni igihe cyanjye ndetse n'igihembwe cyanjye cyo kwigaragaza nkagaragaza icyubahiro cy'Imana muri njye! Ubwo ngenda uyu muni, ntanga uburyohe, ubwiza ndetse n'umucyo ku bintu byose binkikije. Sinshobora gutsindwa, n'igihe cyanjye cyo kwigaragaza!

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 60:2



Abaheburayo 13:15

Nuko tujye dutambira Imana iteka igitambo cy'ishimwe tubiheshejwe na Yesu, ari cyo mbuto z'iminwa ihimbaza izina ryayo.

Uyu muni n'umunsi mwiza wo guhindukira ukareba aho Imana yakuvanye. Igihe cyose utekereje ku kugira neza kw'Imana, ntabwo ari igihe cyo kwitotomba, kwitukagura cyangwa se ngo usubire mu gutsindwa no gutenguhwa kw'ejo hashize! Ahubwo, reka kibe igihe cyo gushima, guhimbaza, umunezero no gutanga amashimwe.

Rero, ubwo witegereza ibyo wanyuzemo mu gihe cy'ubuzima bwimbitse, ni iby'ingenzi ko ubara imigisha yawe maze ukishimira ibyo Imana yagukor-

eye. Yishime kandi uyiramye bivuye mu ndiba yo mu mutima wawe, kubw'urukundo wwayo rukomeye, ineza yayo, imbabazi ndetse n'ubuntu wabonye kugeza ubu muri uno mwaka. Nezerwa Imana kubw'ineza yayo n'imirimo yayo ikomeye mu buzima bwawe. Uyihe igitambo cyo kuramya kuvuye mu kuri, wature Izina Ryayo. Uyereke uko uyishimira kukuyobora no kukwerekana inzira muri uyu mwaka mu mutekano, ubuzima buzira umuze, ubutsinzi, iterambere ndetse n'ubukungu! Ishime maze unezerwe, kuko ari umunsi w'umunezero n'amashimwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Warakoze, Mwami Yesu! Nd'umunyamugisha birenze urugero! Ubuzima bwanjye buhebuje buri ahazaza – imyaka yanjye myiza – imyaka yanjye y'umusaruro ukomeye mu bwami mu Izina ry'ya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Zaburi 50:14

**Yakobo 5:13**

Mbese muri mwe hariho ubabaye? Nasenge. Hariho unezerewe? Naririm-bire Imana.

Iyo urebye ijambo ubabaye hariya, ni ijambo 'kakopattheo' mu nyandiko yayo y'umwimerere. Bisobanuye kubabara, kunyura mu bikomeye n'ingorane. Ibyo ahanini bikusanije ibibazo byose Umukristo ashobora guhura nabyo.

Dukurikije icyanditswe cy'uyu muni, tuziko igisubizo cy'akababaro ako ariko kose ari isengesho. Ntabwo havuga ngo urire cyangwa se ubi-hangayikire cyangwa se ujye ku mbuga nkoranyambaga ubivuge wimare agahinda – haravuga ngo SENGAL!

Abakristo bamwe bakunda kwitabwaho babona iyo bari guca mu bibazo. Bazashaka "urutugu" rwo kuririra ho ndetse bavuge ibibazo byabo amasaha menshi aho kugira ngo bagire icyo babikoraho biciye mu gusenga.

Nabwo icyanditswe kivuga ngo itotombe cyangwa se iganyire yavuze ngo senga! Niba uri gutotezwa – senga! Nibwo buryo uzikura ho akababaro. Aka kanya, tangira usenge urwanya ako kababaro mu buzima bwawe – ko uzagasohoka mo neza kandi ukomeye kurushaho! Kandi wingingire n'ababaye ku isi hose, mu bitaro, muri gereza, mu bihugu bidafite umutekano. Senga aka kanya kugira ngo babone imbaraga n'urukundo rw'Imana aho bari hose, mu izina rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka akababaro kose kuva mu kirere cyanjye aka kanya! Nta kintu na kimwe kibi kizakurikirana ubuzima bwanjye. Ndabihanurira na benedata ku isi hose mu izina rikomeye rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Ibyakozwe n'intumwa 28:8



Abaroma 12:2

Kandi ntimwishushanye n'ab'iki gihe, ahubwo muhinduke rwose mugize imitima mishya, kugira ngo mumenye neza ibyo Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose. tun-ganye rwose.

Kimwe mu bibazo bikomeye mu Gikristo uno muni ni ugutinyurwa kw'ubwoko bw'Imana, benedata uyu muni basigaye ari ab'isi. Reka nkwereke Impamvu mvuga ibi.

Ijambe "kwishushanya" hariya rivuze "gukurikira intambwe z'undi cyangwa se kwisanisha". Iyo urebye Itorero uno muni, Ubukristo bwuzuye guteshuka. Twamaze kuba ab'isi cyane mu buryo twegeramo ibintu by'umwuka. Twakurikije imigenzereze y'isi maze tuyizana

mu bikari byera by'Amatorero yacu.

Turirimba indirimbo zo "kuramya" zifite ukuri gucye kwa Bibiliya muri zo, tukabyina kimwe n'abari mu tubyiniro, uzabona abakristo bambaye igice binjira mu Rusengero nta cyubahiro baha kwera kw'inzu. Bamwe bagera n'aho bakubitanira ingumi mu nzu y'Imana. Ibi byose bigaragaza ko urusengero ruri gukora; ariko isi iri gukora kurushaho mu rusengero.

Ibihugu n'ubugingo bwa benshi buratakara iyo abakristo bateshutswe bakishushanya n'iyi si. Hitamo uyu muni guhagararana n'ijambo ry'Imana kandi ntuzigere wishushanya n'ikibi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo ndi uw'iyi si kandi sinzigere nisanisha nayo. Mpagarariye Imana, kubw'ibyo ubugingo bwa benshi ndetse n'ibihugu bizahindurwa mu izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 15:19

**Isaiah 12:3 (KJV)**

Therefore, with joy shall ye draw water out of the wells of salvation.

Many Christians are not aware that the key to living a fulfilling life is to have the joy of The Lord. Faith thrives and prevails in an atmosphere of joy. The kind of joy that cannot be explained, the kind of joy that laughs in the face of adversity, the kind of joy that never looks at circumstances.

The scripture above talks about wells of salvation. That means there are many elements and benefits to your salvation that you ought to enjoy, but these benefits can only be accessed through joy, do you see that? It says WITH JOY you draw water out of the wells of salvation. Not with prayer, not with fasting – with

joy specifically.

So, without joy you do not possess the only tool or instrument that helps you live the way God wants you to live. Some Christians allow failed expectations to rob them of their joy. True joy is found in fulfilling your purpose; doing the things that the Father asked you to do. When you're living in your calling, nothing can hinder you. You're focused on your heavenly assignment, and nothing can bring more radiant joy than being about your Fathers' business!

IJAMBO RYA GIHANUZI

I draw water today from the wells of salvation; therefore, I am blessed, I am prosperous, I am healthy and full of joy! Nothing shall hinder me as I go about my Father's business. Hallelujah!

IBINDI BYANDITSWE

Nehemiah 8:10

**Abafilipi 4:6**

Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.

Ijambo 'kwiganyira' ni ijambo 'mer-im-nah-o', risobanuye gutotezwa n'ibyo twitaho, guhangayika. Rero, nk'umwana w'Isumbabyose, ntukwiriye na rimwe guhangayikira icyo aricyo cyose, yaba indwara, gukena, kugambanirwa etc. Ukwiriye guhagarara wemye imbere y'ibikurwanya ugasakuza uti, SIMBYITAEHO! Hallelujah!

Tekereza kuba wasoma raporo mbi kuri email ugahita usakuza uti 'Simbyitayeho!', uzi neza ko hari bubeho impinduka. Cyangwa se gusanga

konti yawe ya banki ntakirimo ugahita uvuga uti, 'Simbyitayeho', uzi neza ko ari ingorane z'igihe gito! Iga kudahangayika. Ese guhangayika kwakongera iki ku buzima bwawe uretse kukurwaza umutwe? Ahubwo, nk'uko ibyanditswe bivuga; tangira usenge ushima Imana uhanura guhinduka kw'icyo gisubizo cya muganga, ko amafaranga ari kuri banki yahindutse, ko umuryango wasanwe. Uri amahoro, wowe gusa ntuhangayike!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buri kintu kitarajya ku murongo w'Ijambo ry'Imana kiratangi-ra kujya ku murongo aka kanya. Sinzahangayika, niganyire cyangwa se nite ku bibazo. Ubuzima bwanjye buratunganye, bushyizwe ku murongo, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Matayo 6:25

**Abafilipi 4:8**

Ibisigaye bene Data, iby'ukuri byose, ibyo kubahwa byose, ibyo gukiranuka byose, ibiboneye byose, iby'igikundiye byose n'ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe abe ari byo mwibwira.

Hariho abantu b'inararibonye ku bibi. Uzi neza ko buri gihe uko muhuye bazavugaga ikintu kimwe kibi yaba ari ku bukungu, cyangwa se umuntu wabababaje, cyangwa se ko ubuzima muri rusange ari bubu. Imana ntiyakubwiye ngo urinde irembo ry'umutima wawe ibitekerezo bibi gusa, ahubwo Inakubwira ubwoko bw'ibitekerezo ugomba kwemerera ko binyuramo kandi ibyo nibyo byanditse aha hejuru.

Niwemerera umwanzi kugusunikaho raporo mbi, izo raporo / ibitekerezo biyobora ubuzima bwawe kandi biganisha ku buzima bubu cyane bw'agahinda. Ntugatinde ku kintu icyo aricyo cyose cyangiza umwuka wawe, uko wagerazwa kose. Ahubwo, gira umuco wo kurema amashusho akwiriye mu bitekerezo byawe bijyanye n'Ijambo, ibyo bitekerezo bizarema ukuri. Uko umuntu atekereza niko ari (Imigani 23:7). Rero, gumiza ibitekerezo byawe ku Mana. Akira gusa ibitekerezo byiza kurusha ibindi maze urebe ubuzima bwawe buhinduka mu buryo buhebuje!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ibitekerezo byanjye byuzuye ibyiza gusa bibaho mu buzima. Nikuyeho ibibi byose bingose ubwo nita ku buzima bufite umumaro muri Kristo. Nk'uko mbyatuwe, birabaye! Amen..

IBINDI BYANDITSWE

Abakolosayi 3:2



1 Timoteyo 1:18

Mwana wanjye Timoteyo, ndakwihanangiriza nkurikije ubuhanuzi bwa kera bwahanuye ibyawe, kugira ngo buduheshe kurwana intambara nziza,

Icyanditswe kitubwira ku mbaraga z'ijambo ry'ubuhanuzi. Ndetse, kikubwira uburyo ubuhanuzi runaka bushobora guhindurwa intwaro. Ibase kwikorerera igisasu aho ugiye hose! Nta muntu n'umwe uzigera agukinisha kubw'intwaro witwaje! Dore noneho Timoteyo nibyo ari kubwirwa – ko intambara ari intambara nziza kuko ubuhanuzi bwakugiye imbere halleluya!

Satani ntabwo ari bufate ikiruhuko kuko wakiriye ubuhanuzi, hoyo! Arakurwanya kugira ngo butazigera busohora.

Umwaka wahawe izina rya gihanuzi, RWANIRA INTAMBARA IJURU KU ISI! Konti yawe ya banki gomba kwitaba ijuru ku isi, ubuzima bwawe bugomba gusa n'ijuru ku isi – niba atari uko bimeze, jya mu ntambara yo kwizera witwaje ubwo buhanuzi mu kiganza cyawe. Fata ibyawe ku ngufu, n'uburenganzira bwawe buva ku Mana! Ijambo ry'Imana ryuzuye ubuhanuzi bwagutanze imbere kugira bukujyane muri ejo hazaza hawe – koresha ayo magambo kugira ngo uhagarare uno muni muri business yawe, mu bikorwa by'umuryango wawe etc.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Njyana buri jambo rya gihanuzi ku buzima bwanjye mu ntambara. Niba Imana yararivuze, ndarijyana nkarirwanisha intambara nziza, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Timoteyo 6:12

**Yohana 7:38**

Unyizera, imigezi y'amazi y'ubugingo izatembera iva mu nda ye, nk'uko ibyanditswe bivuga."

Bibiliya ivuga ko buri Mukristo akwiriye kugira imigezi y'amazi y'ubugingo itembera iva mu nda ye. Reka mbahe uru rugero. Imigezi itembera akenshi iba ifite amazi mazima anyobwa, mu gihe andi mazi nk'ibiyaga aba afite amazi mabi adatembera ataba anyobwa. Bibiliya aha itanga urugero rw'imigezi itembera kugira ngo itubwire ikintu kijyanye n'imiterere y'umuntu wacu w'imbere, umuntu w'umwuka, akwiriye gukomeza.

Ikiyaga ntaho kijya – kiba gifunze, cyuzuye imyanda, amazi yuzuye indwara. Bishushanya umukristo ufite ubuz-

ima butagira aho bwerekeza, w'inararibonye mu gusaba ibifatika, aghora arwaye kandi yiha irari ry'umubiri we. Ushobora kubibona igihe umukristo nta mazi y'ubugingo afite amuturukamo binyuze mu mbuto yera!

Umuntu ashobora gutangira gutembera mbere na mbere agiye mu ljambo ndetse no gusabana n'Imana biciye mu gusenga. Hamwe n'ubu buzima, uhindurwa mushya maze nawe ugahindura abanda bashya. Utsinda mu bintu byose kandi ukagaragaza icyubahiro cy'Imana! Ibintu byose ukozeho birakora! Hitamo gutembana n'umwuka Wera uno munsu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imigezi y'amazi y'ubugingo itembera yiruka muri njye! Ngaragaza ubuzima muri Kristo, kandi ndi umutsinzi muri byo. Ubwo nsohoka uyu munsu, nanjye ndahembura abanda iruhande, mu Izina Rya Yesu! Amen

IBINDI BYANDITSWE

Yesaya 55:1

**Abakolosayi 3:17**

Kandi icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima Imana Data wa twese ku bw'uwo.

Ibyo ukora byose uyu muni cyangwa se ubuzima bwawe busigaye, wibaze iki kibazo, ese ibi bishyigikiwe n'Umwami Yesu? Ese n'ikintu azikiriza agishyigikiye? Ese icyo kintu wagikora ukavuga ngo mu izina rya Yesu bi ni byiza? Ese wabikora ushima Imana Data? Ayo magambo ugiye kuvuga – ameze nk'aya Kristo?

Igitabo cy'Abakolosayi kigaragaza ikintu hano cy'ingenzi cyane. Iyo uru ruba ari rwo rwego Abakristo bagenyereaho, ibaze amakosa yose akomeye atakorwa. Mbere y'uko uvuga ayo maku,

ugatekereza kuri iki cyanditswe, uko igishuko cyo gukora ikibi kikujeho, ukibuka Abakolosayi. Ugerageze uyu mukoro mbere y'uko utangira umunsi wawe, wibwire uti; buri kintu nkora cyangwa se mvuga, nzagikorera mu izina rya Yesu, mbishimira Imana Data wa twese!

Ibwire uti niba bidashyigikiwe n'Umwami Yesu ntabwo nzabivuga, nta n'ubwo nzabikora!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubwo ntangira umunsi wanjye uno muni, buri kintu gisohoka mu kanwa kanjye ndetse n'ibyo nkora byose, ndabikora mu izina ry'Umwami Yesu! Nshyigikiwe bisesuye nawe! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abefeso 5:20



1 Abakorinto 11:31-32

Ariko twakwisuzuma ntitwagibwaho n'urubanza. Nyamara iyo duciriwe urubanza n'Umwami wacu, duhanirwa na we kugira ngo tutazacirirwa ho iteka hamwe n'ab'isi.

Iyi minsi muri rubanda haravugwa cyane ibyerekeye guca urubanza. Kuba ari ukudashaka gucirwa urubanza, cyangwa se urubanza Imana izacira abantu, impaka nyinshi zerekeye gucira abanda imanza, n'ingingo iteye urujijo kuri benshi. Ese Bibiliya ibivugaho iki? icyanditswe cy'uyu muni kivuga ko biciye mu mwuka WACU, dushobora kumenya ko twakoze ikintu kibi, rero dukwiriye kwicira urubanza kugira ngo tudacirwa ho iteka n'Imana.

Niwisuzuma maze ukibona ho ikosa, kora ibyo Ijambo ry'Imana rivuga: akira imbabazi. Ntabwo usaba imbabazi, ariho abantu benshi bayobera. Abaheburayo 4:16 havuga hati, "Nuko rero, twegere intebe y'ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu..." Reba neza ntabwo handitse ngo, "...dusabe ubuntu?" Ahubwo, haranditse ngo "tubone," bisobanuye, kubufata.

Ubwo usohoka uyu muni, reka umwuka wawe, ufite kamere y'Imana, ugucire urubanza, kugira ngo utazacirwaho iteka n'Umwami.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite umugisha wo kugira kamere ya Kristo muri njye. Kubw'ibyo nzamuka mu cyumba cy'intebe y'ubwami y'ubuntu kugira ngo mbone imbabazi. Ntabwo naciriwe ho iteka Halleluya! Ura-koze, Mwami Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 1:9

**Yesaya 43:18-19**

“Ibya kera ntimubyibuke, kandi ibyashize mwe kubyitaho. Dore ngiye gukora ikintu gishya, ubu ko kigiye kwaduka ntimuzakimenya? Nzaharura inzira mu butayu, ntembeshe imigezi mu kidaturwa.

Imana ni Imana y'amahirwe ya kabiri ndetse n'amahirwe igihumbi arenga! Bibiliya yuzuye abantu bahawe amahirwe ya kabiri. Aburahamu, witwaga data wo kwizera, yabeshye ko umugore we yari mushiki we kuko atari afitwe kwizera ko Imana izamurinda. Mose yishe umuntu.

Yona yahunze umukoro we. Raha bu yakoraga uburaya kandi ari mu gisekuruza cy'Umwami Yesu. Dawidi yarasambanye maze yicisha umugabo

w'uwu mugore ariko abo bose bavuzwe bari mu 'birangirire' by'Imana, muri Abaheburayo 11. Imana ikunda gutanga amahirwe ya kabiri. Ni Imana y'ubuntu! Iyi niyo NkuruNziza tubwiriza! Iyo biba ngombwa ko utsinda amanita kugira ngo wakire ubuntu bw'Imana, nta muntu n'umwe Wabasha gutsinda!

Rero, ibagirwa ibyahise kandi ntiwite kuri ejo hashize. Imana yatangiye gukore ikintu gishya muri wowe. Byagire, ukure mu Ijambo ndetse no mu buntu, kandi ntuzahindukire! Wowe wa kera yarapfuye!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndashima Imana kubw'amahirwe ya kabiri. Ndeba ahazaza nta kwishinja cyangwa se isoni z'uwu nariwe kera. Ubuzima bwanjye n'ubuhamya bw'ubuntu bw'Imana, kandi nzakomeza kurabagirana mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

2 Abakorinto 5:17



1 Abakorinto 16:17-18

Nishimiye yuko Sitefana na Forutunato na Akayiku baje, bamaze urukumbuzi nari mfitiye mwebwe kuko baruhuye umutima wanjye n'uwanyu, nuko mwemere abameze batyo.

Niba bitaraba, ibaze kwizerwa nk'umuntu utuma ibintu bikoreka mu rusengero. Kuba umukozi w'Imana ukuyoboye yahagarara maze akagushimira nk'uhagarara mu cyuho ahantu hose abanda baburiwe. Mbega ubuzima bw'umurimo! Ubuzima bw'Ijuru ku Isi!

Iyo urebye iruhande rwawe, hari abantu bameze gutyo ahantu hose. Bamwe baguma ari intwari zitavugwa, mu gihe abanda bagaragara. Bakora umurimo w'abagabo icumi kandi ntibigere

bitotomba na rimwe. Ishyaka ry'inzu y'Uwitwaga rirabarya. Hari abantu mu murimo, mu ishami ryanyu by'umwihariko, biahagarara mu cyuho cy'abandi.

Abagabo n'abagore nk'abo bakwiriye gushimwa. icyanditswe cy'uyu muni nibyo kitwigisha. Rero uyu muni, genda kandi ushimire abatanaga igihe abanda batabikoze kandi ubwo ubikora, hitamo kuba uwo muntu uyu muni. Ba Sitefano bo muri iki gihe nawe ubarwe mu baruhara umubiri wa Kristo mu buryo bwose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahanura ko ubuzima bwanjye buzaziba icyuho cyose cyo mu bwami. Ubwo ntambuka uyu muni, ndazana ikiruhuko kuri buri wese mpura nawe mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Luka 22:27



Yohana 16:23

Uwo muni nta cyo muzambaza. Ni ukuri, ni ukuri, ndababwira yuko icyo muzasaba Data cyose mu izina ryanjye azakibaha.

Yesu yaduhaye ububasha buhabwa uhagarariye umuntu bwo gukoresha izina Rye, bivuze ko iyo dusenga, tuba duhagaze mu cyimbo cye dusaba Data wacu. Reba uburyo yavuze ngo nimusaba DATA mu IZINA RYANJYE, WE (Data) niwe utanga – ntabwo arinjye, ahubwo WE! Ese urabibona?

Nk'Umukristo muri iki gihe, ukwiriye kubaho mu Izina ry Yesu; ugakora mu mwanza we, mu butware bwe, ndetse no muri kamere Ye. Ubu nibwo butunzi bukomeye abahanuzi n'abatubanjirije

ba kera babonye ho ibice mu isi y'umwuka. Koresha inyungu z'iri Zina Mukristo wo mu Isezzerano Rishya!

Abakolosayi 3:17 havuga ngo, "... icyo muzavuga cyose n'ibyo muzakora, mujye mubikora byose mu izina ry'Umwami Yesu, mushima ..." Iyo usenze, bigira imbaraga zimwe ndetse n'ubutware nkaho ari Yesu Ubwe uri gusenga. Bijyanye n'amategeko. Yaduha ububasha bwo kumhagarira ngo dukoreshe Izina rye kandi tubeho mu Izina Rye.

Ibyo ucamo byose ntacyo bivuze; nukoresha Izina rya Yesu, intsinzi irize-we Halleluya!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntunze ubutunzi bukomeye, ububasha bwo gukoresha Izina ry Yesu! Ubwo ntangira umunsi wanjye, ndakorana kumenya kuzuye kw'izina ndi bukoreshe halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 16:26

**Abaroma 10:17**

Dore kwizera guheshwa no kumva, no kumva kukazanwa n'ijambo rya Kristo.

Kwizera n'ubwoba bikora kimwe. Ubwoba buzanwa no kumva amagambo ya satani nkuko kwizera kuzanwa no kumva Ijambo ry'Imana. N'ingenzi cyane ku Mukristo guhora wibuka amagambo; "Ni iki Imana yavuze?"

Nubona ibisubizo bya muganga bibi, ugomba kwibaza iki kibazo. Igihe ibintu byose bisa nkaho byahindukiriye kukurwanya, ibaze cya kibazo. Ese ibi Imana ibivuga ho iki? Ese bibiliya ibivuga ho iki? Mwumve benedata, Imana ntizigera igira uruhare mu ndwara, ntizigera igira uruhare mu bukene bukabije cyangwa se mu gusenyuka kw'umuryango.

Ibibi byose biva kuri satani. Rero, ntushobora kubeshywa n'umwanzizi ko ukwiriye kurwara umuvuduko w'amaraso kuko biri mu muryango wanyu, ubwo n'ubwoba uri gushyirwamo biciye mu kumva ibintu bibi.

Ntuzigere wiha ubwoba kubw'inkuru mbi. Inkuru mbi n'inkuru yose itajyanye n'ibiri mu butumwa bwiza; ikintu cyose gihakana uburenganzira bwawe, ubushobozi bwawe, ndetse n'umurage muri Kristo Yesu. Gira Ijambo ry'Imana rihagije muri wowe maze ukure mu kwizera.

Ujye uhora ubaza, "Ni iki Imana yavuze?"

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite kwizera ko umunsi wanjye uno munsi ukungahaye imigisha. Mfite Ijambo ryinshi muri njye, kubw'ibyo, Sinzakena, cyangwa se ngo nyure mu bibi ibyo aribyo byose mu Izina Rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Gutegeka kwa kabiri 31:6

**Abefeso 6:19**

Kandi nanjye munsabire mpabwe kuvuga nshize amanga uko mbumbuye akanwa, kugira ngo menyeshe abantu ubwiru bw'ubutumwa bwiza,

Gusengera abakuyoboye bikwiriye kuba ingirakamaro mu buzima bwawe bwo gusenga. Pawulo yerekana hano ko amasengesho y'abera ariyo ashoboza abavugabutumwa kubwiriza bashize amanga ubutumwa bw'Umwami Yesu Kristo. Umurimo w'Imana ntabwo ari igikorwa cyoroshye kandi kitagira ingorane, rero gusenga bikomeza abawurangaje imbere. Amasengesho yawe nayo Atanga ubuntu bwiyongereye bwo kubwiriza Ubutumwa Bwiza mu mbaraga no gushira amanga, kugira ngo ubugingo bwa benshi bwongerwe mu Itorero ku isi hose.

Kubw'ibyo, fata igihe uno muni cyo gusengera abagabo n'abagore bakorera Imana, Intumwa, Abahanuzi, Ababwirizabutumwa, Abigisha n'Abashumba ndetse n'abandi bose bayoboye imyanya itandukanye mu rusengeru bahabwe kuvuga no gushira amanga n'Umwuka Wera. Iyo usenga, ubugingo bwa benshi bumenya Kristo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura gukomezwa, kuzuzwa, ubuzima bw'ubumana, gushira amanga, ubwenge bwinshi, ubumenyi bwisumbuyeho bw'ijambo ndetse n'amaronko ku Babwiriza b'Ubutumwa Bwiza mu Izina rya Yesu! Ubugingo bwinshi buzamenya Kristo bivuye muri ibyo, mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

2 Abatessalonike 2:7

**1 Abakorinto 15:33**

**Ntimuyobe, kwifatanya n'ababi kono-
na ingeso nziza.**

Sinabasha kubabwira inshuro zose nabonye abantu benshi bafite ubushobozi bwo kugera kure babupfusha ubusa kuko bisanishije n'inshuti mbi. N'ikintu kibabaje kubona. Abantu baringirika iyo bihuje n'umuntu wangiritse.

Niba warigeze cyangwa ukaba ufite inshuti utiteze ho iterambere ryo mu mwuka rigaragara, cyangwa se ubushuti bwabo bukaba bugabanya umusaruro wawe mu butumwa bwiza, igihe kirageze ko ureka bene ubwo bushuti. Ntiwinginge; buhagarike, kugira ngo ubuzima bwawe bwa Gikristo bube neza uko Imana yavuze bukwir-

iyе kuba.

Umugore umwe, hashize imyaka, yaje kundeba asaba umugisha wo kuririmba indirimbo ziryohewe amatwi zo guhimbaza mu tubyiniro ndetse n'utubari nk'inzira y'ivugabutumwa. Namubujije kubikora kuko Imana yari yanyeretse ko azagwira muri byo. Ntiyanyumvise, ndetse, neza nk'uko nari nabibonye, yabayе umuririmbyi w'isi wuzuye abaho ubuzima bubi yambara utwenda nk'utwo mu kabyiniro. Ni iki cyabaye? Inshuti mbi! Ufite abo "babi" muri telefone yawe – tangira usibe!

Ntimuyobe. Abantu babi bakugira mubi, birinde.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi inzobere mu buzima bw'ubumana ndetse n'uburyo bw'imikorere. Inshuti mbi si umugabane wanjye, rero nzikuye mu buzima bwanjye aka kanya, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 16:17

**Umubwiriza 3:13**

Kandi ko umuntu wese akwiriye kurya no kunywa, no kunezwa n'ibiza by'imirimo ye yose, kuko na byo ari ubuntu bw'Imana.

Ubuzima n'impano, ndetse n'umuhamagaro w'Imana. Ibintu byose mu buzima, harimo n'isi ikuzengurutse, byaremewe kukwungura. icyo ukeneye kugira ngo ubashe kuryoherwa n'ubuzima kugeza ku mwuzuro n'ukuba uwo Imana yaguhamagariye kuba ugumye mu Ijambo. Abakristo bamwe bakora amanywa n'ijoro, akazi ni kenshi cyane ku buryo amafaranga babonye abamerera nk'umuvumo kurusha kuba umugisha.

Icyanditswe kiravuga ngo urye, unywe kandi unezwe n'ibiza by'imirimo

yawe. Ushobora kugira ndetse ukananezerwa ubuzima bwiza cyane aka kanya ubifatiye icyemezo gusa. Ntukeneye gutegereza ko leta y'igihugu cyawe ishyira ibintu ku murongo ngo ishyire rubanda ku murongo kugira ngo uryoherwe n'ubuzima bwawe. Ntabwo utegereza kuzamurwa mu kazi cyangwa se ko abakiliya bakusanira ku iduka ryawe – iga kunezwa n'ubuzima bwawe mbere y'uko ugera ku ntego witeze.

Wahamagariwe mu buruhukiro bw'Imana. Fata ubuzima bwawe maze uryoherwe nabwo kugez ku mwuzuro, kuko Imana yakugize umusangiza, umufatanyabikorwa ndetse n'umunyamuryango wa kamere y'ubumana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Niteguye kuryoherwa n'ubuzima buruhura muri Kristo, aka kanya! Nzaryoherwa ibyiza by'imirimo yanjye kurusha uko nabyigeze kuko kubikora ari impano y'Imana! Ndi umunyamugisha birenze urugero. Amen

IBINDI BYANDITSWE

Yohana 10:10

**Zaburi 2:8**

Nsaba nzaguha amahanga ngo abe umwandu wawe, N'abo ku mpera y'isi ngo ubatware.

Ese birashoboka ko imbaraga z'Imana zikumirwa cyangwa se zigahindurwa ubusa? Yego ntakabuza! Hari bihe bimwe na bimwe icyo wakora cyose, ibintu bitazanyeganyega mu buzima bwawe kuko imbaraga z'Imana muri wowe zazibye. Kubera iki cyangwa se gute? wakwibaza; rero, Imana izitiwe n'amagambo yawe. icyo uvuze nicyo izakora.

Urabona, icyanditswe cy'uuyu muni kiduha kureba mu gukomera kw'ibyo Imana ikwifuriza ko ukorera mo. Yavuze iti nzaguha amahanga abe umwandu wawe no kugeza kumpera y'isi

ngo uhatunge. Reba neza uburyo hatanditse ngo nzaguha inzu nshya cyangwa se imodoka nshya. Mu gihe ibyo bikenewe, Imana irakubwira gutekereza byagutse, tekereza AMAHANGA! Ubu nibwo bunini indererwamo yawe ikwiriyeye kugira.

Igihe cyo kwiyiriza usaba inguzanyo ntoya muri banki cyangwa se akazi gashya, tekereza uti "Ndi umutunzi w'amahanga!" Iyo usengeye ibintu bito, Imana izitirwa muri iryo sengesho. Agurira ibitekerezo byawe ibintu bikomeye! Irebe mu kirori maze wibwire uti; "Ndi uw'isi yose cyane ku buryo ntashobora kuba uw'akarere" Halleluya!!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umutunzi w'amahanga! Ntekereza Bigari, Nkakora Bigari kandi Nkagera kuri Bigari! Halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Abaheburayo 1:2

**Imigani 16:2**

Imigenzereze y'umuntu yose itunganira amaso ye, Ariko Uwiteka ni we ugera imitima.

Uko waba uri umunyempano cyangwa se usize amavuta, iyo bivanzwe n'ubwibona, ntibyemerwa n'Imana. Mu gihe cyanjye mu mbwiriza Ijambo ry'Imana ku isi hose, nabonye Abakristo bakomeye mu mpano z'umwuka, harimo n'abashumba, umurimo wabo wahindutse ubusa, kuko batagenderaga mu guca bugufi, ibintu byose bakoraga byari byiza mu maso yabo ariko atari ko bimeze ku Mana. Urabona Imana ntireba ingano y'inyubako y'itorero ryawe kugira ngo igere iterambere ryawe, ntanubwo ireba konti yawe ya banki cyangwa se umubare w'abagukurikira, igera imitima.

Ikintu cyose ukora mu nzu y'Imana kiba ari ituro kuri yo; Ariko Imana ntizemera ituro ryawe niriba rivanze no kwikunda ndetse no gukunda impiya; ubwirasi, ubwibone no kwishyira hejuru. Gukomera mu nzu y'Imana ntikugererwa ku musaruro wagezeho cyangwa se wabonye. Bibiliya ivuga muri 1 Petero 5:5, "kuko Imana irwanya abibone naho abicisha bugufi ikabahera ubuntu." Icisha bugufi, wisuzume uyu muni maze wikosore ukoresheje ibyanditswe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubwibone, ubwirasi, kwishyira hejuru no kwikunda nta mwanya bifite muri njye, kuko ngendera mu rukundo no guca bugufi. Kubw'ibyo ndi kubona gukomera guhora kwiyongera ndetse n'iterambere ridahagarara mu buzima, mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Yeremiya 17:10



2 Petero 1:4

Ibyo ni byo byatumye aduha ibyo ya-sezeranije by'igiciro cyinshi, bikomeye cyane kugira ngo bibatere gufatanya na kamere y'Imana, mumaze guhunga no gukira kononekara kwazanywe mu isi no kwifuza.

Waruziko nk'Umukristo, nubwo ufite igihugu cy'inkomoko, umuco ndetse n'igisekuruzi cyashushanywa mu by'ukuri wabyawe n'Imana? Inkomoko yawe nyakuri ni Imana; niyo wavutseho; wakomotse kuri Yo.

Icyanditswe cy'uno muni kerekana ko Umukristo atari umuntu usanzwe; n'ufatanye na kamere y'Imana. Isengesho ryanjye n'uko wakumva icyo bisobanuye! Bisobanuye ko uri mu rwego rw'Imana rw'ibiremwa, uri umufatanye w'UbwokoMana. Rero, iyo uvuze ngo

uri umutsinzi no kurushaho, ibi nibyo uba uvuga; ntabwo uvuga ibyanditswe gusa. N'ukuri.

Uko ari, niko turi muri iyi si; bivuze ko uko liri mu bumana, natwe turi mu bumana. Ubuzima bw'ubumana niyo kamere yawe, ntabwo ari ibyiringiro cyangwa se isezerano ry'Imana, kuko wavutse ku rubuto rw'Imana rutabora – Ijambo Ryayo. Kubw'ibyo, ubuzima ubaho ntibushobora kubora kubera indwara, ubwandu cyangwa se urupfu. Anga kwemera ko ari "ibisanzwe" cyangwa se byemewe ko Umukristo arwara; ntabwo aribyo.

Tekereza kuri uku kuri kugeza ubwo kwibiye mu mwuka wawe maze ukubeho. Anga kwihuza n'ikintu icyo aricyo cyose kiahuje no kungana n'ubumana kwawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bwuzuye icyubahiro, kuganza ndetse n'agahabuzo. Kubw'ibyo, ngenda nzi kamere yanjye y'ubumana uyu muni n'iteka ryose, ntegeka Satani ndetse n'ingabo ze z'Ikuzimu, mu Izina rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 4:4



Abaroma 14:17
kuko ubwami bw'Imana atari ukurya no kunywa, ahubwo ari ubwo gukira-nuka n'amahoro no kwishimira mu Mwuka Wera.

Hariho Abakristo bamwe bakiriye Umwuka Wera, ariko imitima yabo yuzuye ibibazo; bahangayikishijwe n'ibintu byinshi. Bahangayikishijwe n'abana babo, ubuzima bwabo, ubucuruzi, etc. Basa nkaho bafite Impamvu nyinshi zo kutishima. Iyo ubabajije uko bameze, bahora bafite ikintu kimwe kibi cyo kuvuga cyangwa se ikindi. icyanditswe cy'uyu muni kitwerekera ko hari isano hagati y'umunezero n'Umwuka Wera. Ntabwo byashoboka ko uba Umukristo wuzuye Umwuka ngo ntiwuzure ibyishimo, ntibishoboka! Abana bonyine muri Kristo batisobanukiwe nibo bashobora

kubaho gutyo.

Ushobora kuvuga uti, "Hamwe n'ibintu biri kuba mu buzima bwanyje, nkeneye guhindura ikirere, nkeneye gutemberera ahantu runaka nk'ishima by'ukuri." Hoya! Ntugire icyo ushakaho ibyishimo hanze. Ibyishimo n'imwe mu mbuto z'umwuka wawe wa kimuntu wahinduwe mushya. Rero, biri muri wowe. Umwuka wawe ukora ibyishimo bidashira. Byitwa, "...ibyishimo byiza bitavugwa," (1 Petero 1:8).

Ishime ITEKA! Umwuka w'Imana agukorera byinshi cyane mu kirere cy'ibyishimo n'umunezero kurusha mu ntimba n'agahinda. Rero, shyira ibitekerezo byawe ku murongo wo kwishima, uyu muni, n'iteka ryose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ibyishimo biva mu muntu w'imbere kandi birenga ibihe by'umubiri. Ibyishimo byanyje ni iby'Umwuka, ntibigendera ku biba mu buzima; Mpora nkomeye kuko umunezero w'Uwitwaga arizo mbaraga zanyje! Halleluya!

IBINDI BYANDITSWE

Abaroma 15:13

**Yohana 16:33**

Ibyo mbibabwiriye kugira ngo mugire amahoro muri jye. Mu isi mugira umubabaro, ariko nimuhumure nanesheje isi."

Nureba aho isi igeze, hari inzara, ubukene, umutekano muke, indwara n'uburwayi, urupfu no kwiheba – ni byinshi navuga. Ariko iri niryo tandukaniro ryawe n'abanyura muri ibyo byago: Uri muri Kristo nawe Ari muri wowe. Imana ntijya itubeshya; Yatubwiye ko tuzanyura mu bigeragezo, gusa ntiyarekeye aho. Yaravuze ati mwishime mutitaye kubyo mubona, kubera iki? Nuko Yamaze gutsinda urugamba yarwanaga n'ibibi BYOSE halleluya!

Iyo urebye hanze ya Kristo, nibwo urengerwa n'ibibazo ndetse n'ibishu-

ko byonona byo mu isi. Yaravuze ngo, "Muri njyewe, hari amahoro; mwishime." Niryo Jambo Rye kuri wowe, nta kintu na kimwe muri iyi si cyagushyira hasi.

Hari iterambere mu buzima budashingiye ku bukungu bw'isi. Amahoro nyakuri n'ubukire biba muri Kristo gusa. Tangira wature ayo mahoro n'iterambere. Ubyature mu gace utuyemo n'igihugu. Guma muri Kristo, kuko muri Kristo wanesheje Satani, isi ndetse n'imikorere yayoi pfa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nubwo isi irimbuka – ntabwo binyeganyeza. Ngendera kandi mba muri Kristo. Nahawe umugisha birenze urugero kandi nk'undi muni usanzwe, yu muni uraba uhebuje! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

1 Yohana 4:4

**Imigani 3:7-8**

Ntiwishime ubwenge bwawe, Ujye wubaha Uwiteka kandi uve mu byaha. Bizatera umubiri wawe kuba mutaraga, Ukagira imisokoro mu magufwa yawe.

Ninde watekereza ko ubwoba bukuzanira ubuzima bwiza? Iyo Abakristo benshi bumvise ijamba ubwoba, bahita babutekerereza mu bibi. Ijamba gutinyana hano ni ijamba 'Yare', bisobanuye kwubaha. N'ubwoko bwiza bw'ubwoba buha Imana icyubahiro gisumba ikindi cyose.

Usobanukirwa bene iki cyubahiro ni uzi imitekerereze y'Uwiteka, kandi uzi imitekerereze y'Uwiteka yagira inama Imana! Imana yavuze iti 'Ndi Uwiteka ... ari we ukomeza ijamba ry'umugaragu we agasohozwa inama z'intumwaga

ze," (Yesaya 44:26) Iyo ukurikiza imikorere y'ubwoba, n'Imana ishyigikiriye ibyo uvuze ubunyangamugayo bwayo!

Ubwoba ni kimwe muby'ibanze bigize ubuzima bwimbitse. Buzatuma uhitamo ibintu, utagendeye kubyo urariye, ahubwo bigendeye kubyo Imana ishaka. Itoze ikirere cy'icyubahiro, cy'ubwoba! Reka amagambo yawe abe make. Niba ushaka kubona byinshi cyangwa se gukoreshwa imirimo ikomeye muri ibi bihe byanyuma, tinya Imana!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagarara mu kwubaha Uwiteka Imana nkorera! Kubw'ibyo buri jambo mvuga rishyigikiwe nawe. Sinshobora gutsindwa uno muni cyangwa iteka ryose mu Izina rya Yesu!

IBINDI BYANDITSWE

Imigani 9:10



Zaburi 86:11

Uwiteka, ujye unyigisha inzira yawe, Nanjye nzajya ngendera mu murava wawe. Teraniriza hamwe ibiri mu mutima wanjye, Ngo wubahe izina ryawe.

Hariho Abakristo benshi bafite ikibazo gikomeye cyo gusenga nabi. Bamwe basenga amasaha menshi, bavuga ibitari byo maze bakibaza impamvu ibintu bidakora mu buzima bwabo. Ibuka ko icy'ingenzi atari igihe umara usenga ahubwo ari uburyo usenga neza.

Rero ni gute umuntu asenga ugendeye ku cyanditswe cy'uyu muni? Dawidi yaravuze ngo 'teranya' umutima wanjye, kandi ibi bituburira ubryo dukwiriye gusenga. Nuja usenga, ujye wita ku Mana, kandi uzi neza ibyo uri gusengera. Abantu bamwe na bamwe

basengera ibintu byinshi, hashira akanya gato, ntibabe bakibuka icyo bamaze kuvuga. Niba utibuka ibyo wasengeye, ni gute wamenya ko Imana yagusubije? Rero birakenewe ko habaho kwungwa kw'umutima, kwita ku kitu kimwe runaka kifuzwa kubw'ikintu kizwi.

Teraniriza hamwe umutima wawe, ikureho ibikurangaza. Andika ibyifuzo byawe byo gusengerwa, utekereze byimbitse ku byanditswe bihuye n'ikibazo cyawe kandi witege umusaruro, uwo niwo mutima uteranirizwe hamwe. Numara kumenyesha Uwiteka icyo usaba, ishime kandi uyihe icyubahiro, uzi neza ko byakozwe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umutima wanjye urunze kandi ushyizwe hamwe uyu muni ubwo natura nkatangaza umuni mwiza cyane, icyumeru, ukwezi ndetse n'umwaka, mu Izina ryana Yesu! Amen

IBINDI BYANDITSWE

Mark 11:24

**Abafilipi 2:7**

ahubwo yisiga ubusa aaryana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu:

Muri iyi minsi n'iyi myaka, twumva buri gihe ko uburyo uzwi ari byose. Amapfiriwe menshi yo kubona icyo gahunda y'ubucuruzi cyangwa se uburyo bwo guhura n'abandi kubera uburyo uzwi. Abantu bazakoresha amafaranga badafite kugira ngo bagume bazwi uburyo runaka.

Mu cyanditswe cy'uyu muni, twabwirwe ko urugero rwacu rw'ibanze; Umwami Yesu yigize utazwi. Ntabwo abantu aribo batumye atakaza uburyo yari azwe binyuze mu kumubeshyera, hoyu, we yigize utazwi, niwe wabihisemo. We yari yitaye ku gukora ugushaka kwa Data atari ugushaka kw'abamugose – yari ashize umutima ku bunyangamugayo.

Nk'umukristo, ukwiriye kutamenyekana. Ntukwiriye kumenyekana mu buryo butuma usa neza mu maso y'abantu kandi ubusabane bwawe n'Imana ari bubu. icyo uzwiho ni icyo abantu bagutekerezaho, ubunyangamugayo ni icyo Imana igutekerezaho. Igihe cyose Imana izi umutima wawe nibyo by'agaciro. Ita ku mubano wawe na So cyane cyane kuva uno muni – unawujyemo byimbitse. Ubunyangamugayo kuri Yo nibyo bifite agaciro!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umunyamugisha kugira ubunyangamugayo mu mazo y'Imana yanjye. Nzakora mu bwami nshize umutima ku muhamagaro wanjye kandi kuva uyu muni ndawutunganya mu Izina Rya Yesu! Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umunyamugisha kugira ubunyangamugayo mu mazo y'Imana yanjye. Nzakora mu bwami nshize umutima ku muhamagaro wanjye kandi kuva uyu muni ndawutunganya mu Izina Rya Yesu! Amen.

IBINDI BYANDITSWE

Abagalatiya 1:10

MAGWARO EVHANGERI EKUDZIVIRIRA

ISAYA 54.

NDICHASIMBISWA MUKURURAMA
NDICHAVA KURE NEKUMANIKIDZWA
HANDINGATYI UYE NDIRIKURE
NEZVINOTYISA

PAKAITA ANONDIRWISA,
HANDITOMBOFUNGA KUTI VATUMWA
NAMWARI, UYE KANA VAKANDIRWISA
NDINOKUNDA

MWARI AKASIKA MUPFUURI
ANOPFUTIDZA MAZIMBE MUMOTO
NOKUITA NHUMBI YEBASA RAKE
NDIYE AKASIKA MUPARADZI KUTI
APARADZE

HAKUNA NHUMBI YOKURWA
INOPFURWA KUZORWA NENI,
ANONDIPAOMERA MHOSVA ACHANZI
MUNYEPI. NDIRIMURANDA WAMWARI
UYE MWARI VANOITA KUTI ZVINHU
ZVESE ZVINDISHANDIRE
MUNEZVAKANAKA

NDIZVO ZVINOTAURWA NAMWARI KWANDIRI
UYE HAZVIRAMBE KUBUDIRIRA NEZITA RAJESU!



WAKATAMBIRA JESU KRISTU SATENZI?

CONVIDAMOS VOCÊ A FAZER JESUS CRISTO O SENHOR DA SUA VIDA FAZENDO ESTA ORAÇÃO;

“Ó SENHOR DEUS, VENHO A TI EM NOME DE JESUS CRISTO. CREIO DE TODO O MEU CORAÇÃO EM JESUS CRISTO, FILHO DO DEUS VIVO. CREIO QUE ELE MORREU POR MIM E DEUS O RESSUSCITOU DOS MORTOS. CREIO QUE ELE ESTA VIVO HOJE CONFESSO COM A BOCA QUE JESUS CRISTO É O SENHOR DA MINHA VIDA A PARTIR DE HOJE. POR ELE E EM SEU NOME, TENHO A VIDA ETERNA, SOU NASCIDO DE NOVO. OBRIGADO SENHOR POR SALVAR A MINHA ALMA! AGORA EU SOU UM FILHO DE DEUS. ALELUIA!”

PARABENS! AGORA VOCE É UM FILHO DE DEUS.

TO RECEIVE MORE INFORMATION ON HOW YOU CAN GROW AS A CHRISTIAN PLEASE GET IN TOUCH WITH US ON:

UK: +44 3333 448 612

USA +1 240 781 6942

RSA +27 51 004 0209



Become a

GoodNews

DAILY

PARTNER

PARTNER NOW AND HELP SPREAD
THE **GOODNEWS** AROUND THE WORLD

VISIT www.goodnewsworld.com/gndpartner



TheGoodNewsWorld Helplines

USA: +1 (240) 781-6942

UK: +44 333 344 8612

RSA: +27 (51) 004-0209

www.goodnewsworld.com